# Ku Mababa Y'Inuma Yera Nk'Urubura

Shreveport, Louisiana USA
28 Ugushyingo 1965

1 Twubike imitwe yacu: Mwami mukunzi mwiza, turagushimira uyu mugoroba ku bw'isezerano ryo kuza k'Umwami Yesu, aho tuzahurira mu iteraniro rikomeye ritagira iherezo, hagati mu munezero n'indirimbo, kandi tuzaguhimbaza mu binyejana by'iteka bizaza. Turagusaba guha umugisha iteraniro uyu mugoroba. Turagusaba guha umugisha iki gicaniro, ubuyobozi bwacyo, abashumba bacyo, abakozi bose bakorana, abashumba bacyo bose bakorana n'abandi bantu.

Turagusaba, Mwami, guha umugisha abagenze ibirometero byinshi kugira ngo baze ku iteraniro. Ubarambikeho ikiganza Cyawe cy'Ubuntu igihe bari busubire iwabo. Bitange, Mwami. Tuzongere duteranire kenshi aha hantu hitwa inzu y'Imana, kugira ngo tuharamirize. Ha umugisha, Mwami, abari kumwe na twe ku mirongo ya telefone, uyu mugoroba. Reka abatari bakizwa bose bashobore kubona Yesu Krisitu, Umukiza wabo, uyu mugoroba; kiza abarwayi bose n'abafite intimba. Data, umugaragu Wawe aje ngo agukorere, mu Izina rya Yesu. Amina!

2 Umwami ahe umugisha buri umwe muri mwe. Ndahirwa cyane kuba ndi aha uyu mugoroba. Ninjiye neza mu gihe Mwene Data Ernie yaririmbaga igice cya nyuma cy'indirimbo ye: *Ku mababa y'inuma.* Nta gushidikanya ni igisigo kiza, kiza rwose, kandi njye nzi ko bijyanye. Ku bw'ibyo, turabishimira cyane. Kandi mwe mwese muri kumva uyu mugoroba, kuva ku ruhande rumwe ujya ku rundi rw'igihugu, nakwifuza ko mwashobora kuba aha ngo murebe gutegereza, kutihangana ku maso y'abantu batsindagiye muri iyi nyubako; dufite ibihe bitangaje. Turashimira Mwene Data na Mushiki wacu Jack Moore, Mwene Data Noel, Mwene Data Boutliere, Mwene Data Brown, aba bene Data bishyize hamwe, Igicaniro cyose, abantu bose, kuba bongeye kudutumira.

3 Mu by'ukuri, byari ikintu cya. . . sinashobora kubyita uguhurirana, ni ikiganza cy'Imana gusa, cyakoze ibyo. Vuba aha, mwene Data yarose inzozi zavugaga ibi: yambonaga mpagaze, nambaye ipantaro y'umweru n'inkweto z'abahindi. Ni gutyo neza nari nambaye igihe nahamagaraga Mwene Data Jack kuza mu iteraniro aha; ni byo neza, nari ndi i Carson, Colorado, nambaye inkweto z'abahindi n'ipantaro y'umweru "Levi". Mwene Data Leo, niba muri kumva, nari ngiye kubasanga mu kanya gato, kandi ni icyo gihe igitekerezo cy'amateraniro cyavutse, aho nyine.

4 Ubu noneho turi ku cyumweru nimugoroba; nzi ko benshi muri mwe bazagenda ijoro ryose, ngo batahe iwabo; abandi bazagenda mu gitondo cy'umuseso. Na njye ubwanjye mfite iminsi ibiri yo kugenda mu muhanda niruka. Ni ukuvuga ko, tutari bubafate igihe kirekire cyane. Nashatse ko umugoroba w'uyu munsi ugenda nk'iya kera, igihe Mwene Data Brown, Mwene Data Jack na twe, twasengeraga abarwayi, hashize imyaka myinshi; turi busengere abarwayi nk'uko twabikoraga icyo gihe.

Mushobora kunyumva uko bikwiye, inyuma? Simpagarara kumanura izi ndangururra majwi, kuko nasaraye.

5 Nashakaga rwose ko. . . Hari ikintu gito rwose, akabazo gato kabaye. Babimbwiraga uyu mwanya, ko mwene Data, wenda uri aha uyu mugoroba, mu iteraniro, amaze rwose kuva mu mikorere ya kidini. Ashaka kumva aho bavuga Ubutumwa, yaje i Shreveport. Ariko yarayobye, ntiyibukaga aho byari biri; muri make yagiye mu mujyi. Abona iteraniro noneho arabaza ati: "Ese ni aha Billy Branham agiye kubwiririza?"

Baramubwira bati: "Oya, ni aha Billy Graham agiye kubwiririrza kuri filimi." "Aravuga ati, noneho, ndicuza, ati: sindi aho nagombaga kuba ndi."

Akomeza inzira ye yibwira ati: "Noneho, Mwami, ni he ngiye kujya?" Arongera azamuka umuhanda munini. - Sinzi ibyo ari byo, hari urusengero runini, aho hejuru, ku mpera z'umuhanda, Texas. Kandi ku rusengero, hari umusaraba munini w'umweru. - Umwami aramubwira ati: "Komeza gusa ugende." Ahageze, abona. . . aribwira ati: "Noneho, hagomba kuba ari aha, hamwe n'izi modoka z'amavatire impande." Umugeni n'umukwe basohoka ubwo mu rusengero. - Byari ejo nimugoroba hashize, habaye ubukwe, nababonye basohoka. - Umwami aramubwira ati: "Ni ibyo: Va noneho mu mikorere ya kidini kugira ngo winjire mu Mugeni kandi ujyane n'Umukwe."

6 Nerekaga umugore wanjye, tumanuka umuhanda, ko ukwezi n'inyenyeri byasaga nibihagaze hejuru rwose y'uyu musaraba, mu gihe twahageraga.

Ntekereza ko mbona by'umwihariko ibintu bito nk'ibyo, ari byo wenda bihamiriza ukwizera kwanjye mu Mana.

Ndibuka uyu mugoroba ko i Tucson, Victor Le Doux, uyu Mufaransa wa. . . ni Umufaransa wuzuye. Ndatekereza ko nababwiye, ko igihe namaraga kubwiriza, igihe twageragezaga gutandukanya imikorere y'idini n'Ubukirisitu bw'ukuri, umuntu wo mu itorero rya pantekote ya kidini uzwi cyane ambwira ikintu kimeze nk'imbwirwaruhame ntoya.

Ubwo noneho, Danny Henry - ndatekereza ko ari mubyara w'umukinnyi runaka wa sinema, cyangwa ikintu nk'icyo; yari umubatisita - yihuta aza ku ruhimbi, yikubita ku ijosi ryanjye, aravuga ati: "Mwene Data Branhamu, ndizera ko ibyo bitari bubabere sakirirego, ahubwo ibi byashobora kuba neza igice cya 23 cy'Ibyahishuwe." Kandi nguwo atangiye kuvuga mu ndimi.

Abantu batatu bavuga ururimi rw'igifaransa. . . umugore uvuga igifaransa, ukomeye cyane, ufite isura yijimye, uturuka i Louisiana (birashoboka ko yaba ari aha uyu mugoroba), yanditse ku gace gato ku rupapuro ibyo yavugaga. Noneho Victor Le Doux, umushumba, yandika bimwe nawe; noneho bagereranya inyandiko zabo, cyangwa bajya kubikora. Ni bwo umugabo ufite umusatsi ucyeye, wenda kuba nk'umuhondo, ahagarara mo hagati, inyuma bishoboka, yigiye imbere. Yashakaga kureba inyandiko zabo. Yari umusobanuzi w'umufaransa mu MURYANGO W'ABIBUMBYE. Eshatu zose zarasaga.

Havugwaga ibi: *Kuko wahisemo iyi nzira iruhije cyane. . . Wayihisemo, warayifashe. . . wabikoze ku mahitamo yawe bwite. (Nk'uko tubizi, Mose yagombye gukora amahitamo ye bwite.) (Aravuga) Iyi ni inzira y'agaciro kandi y'ukuri, kuko ari INZIRA YANJYE. Mbega icyemezo cyiza wafashe! . . . Ku bw'ibi, igice kinini cy'Ijuru kiragutegereje.* Iki kintu ubwacyo ni cyo kizatanga kandi kizasohoza intsiinzi idasanzwe mu Rukundo rw'Imana.

Eshatu zose zarasaga. Ndatekereza, uyu mugoroba, dufite urupapuro rw'umwimerere. Narebye muri Bibiliya yanjye, ariko ntirwari rurimo.

7 Danny Henry ntazi. . . nka njye, azi mu buryo bugoranye icyongereza kiza; noneho hasi cyane igifaransa. Muzabona ko mu gifaransa, inshinga ibanziriza umugereka. Insobanuro zabo eshatu zahuraga neza.

Danny Henry yakoze, hashize igihe. . . Birashoboka ko Danny yaba ari kumva uyu mugoroba. Victor Le Doux wenda nawe ari kumva, kuko nizeye ko ari i Tucson. Mwe muri i Tucson, ku rusengero, ku Gicaniro, "Tucson Tabernacle", Mwene Data Green abereye umushumba. . . Mwene Data Victor Le Doux, niba numva neza, ari mu iteraniro munsi y'ihema munsi y'umuhanda wa Parc, ugana ku muhanda unyuranamo 80, kandi uturuka kuri uru ruhande. Niba muzaba muri aho ejo nimugoroba n'umugoroba uzakurikira, kandi akaba agihari, muzajye kumwumva; birashoboka ko Danny yazaba ari kumwe nawe. Birashoboka ko baba banari kutwumva ku Gicaniro, uyu mugoroba, sinzi!

8 Danny yagiye i Yerusalemu nyuma y'ibyo; yavuze ko yaryamye mu mva. . . ku ibuye aho umubiri wa Yesu wari urambitse, neza mbere yo kuzuka Kwe. Muri ako kanya yantekerejeho. Ubwo yasohotse yiruka, atangira kurira noneho ajya kure. Yayobowe. . . Ni umuntu ukora ibintu mu mabuye, ndashaka kuvuga, aconga amabuye. Ubwo yagiye ahantu, tuvuge, hari hamanitse umusaraba. Yakubise ibuye kugira ngo akureho igisate, yoo, hafi santimetero ebyiri n'igice [puse 1] rifite ishusho y'ikinyempande enye zingana. Yagishyize mu mufuka we kandi yumvise ahatiwe kukizana iwe.

Ahageze, ikintu cyaramubwiye kiti: "Koreramo Mwene Data Branhamu amapesu abiri y'amaboko y'ishati." Noneho, arishyize muri aside, ibuye ryataye ibara ry'umwimerere w'ibuye ry'umweru rihinduka ibara ry'amaraso. Noneho akora amapesu y'amaboko y'ishati.

Ntiyari yabonye, ayampa, ko hari umurongo ugororotse kandi ufunganye hagati muri buri gipesu cy'ukuboko kw'ishati. Ndayafite uyu mugoroba, ngo nsengere abarwayi. Murabona, iri bara ry'amaraso risa n'amaraso atemba, n'umurongo ugororotse kandi ufunganye uyambukiranya. Ni ibyo neza ubuhanuzi bwe bwavugaga: "inzira igororotse kandi ifunganye." Murabibona, mu buhanuzi. Narabimweretse. Danny, niba uri kumva, wowe cyangwa Mwene Data Le Doux, umwe cyangwa undi, umugoroba w'uyu munsi, tugomba gusengera abarwayi, uraba umugoroba nk'uwa kera. Mfite amahirwe kugenda muri iyi nzira igororotse kandi ifunganye, inzira y'Ubutumwa bwiza, inzira y'Ijambo, hamwe n'Umwami wacu Yesu Krisitu.

9 Imana ibahe umugisha mwese! Birashimishije cyane kubabwira ko nashobora kubikora mu mwanya muremure, ariko ubwo nabafata igihe kirerekire cyane. Billy yavuze ko hari abantu hagati ya magana atatu na magana ane bo gusengera, ngomba kwihuta ubwo cyane bishoboka hamwe n'ubutumwa bwacu, nyuma nkasengera abarwayi.

Noneho, ku bantu ba Arizona, ku wa gatandatu nimugoroba utaha, tuzaba turi i (sinjya nibuka izina ry'uyu mujyi) Yuma, Arizona, mu munsi mukuru. Nyuma, muri Californie; tuzahita dukomeza ku cyumweru mu gitondo tugana i Los Angeles n'ahantu hateganyijwe ko twajya.

Uyu mugoroba, ndifuza gufata amagambo y'Ibyanditswe.

10 Mu dukubo, uyu munsi, nari nicaye aho banwera icyayi: Kwa Morrison; Mwene Data Jack, umugore we, umugore wanjye na njye, twagiye aho banwera icyayi kwa Morrison kugira ngo tuhamare umwanya muto turi kumwe. Ntitwari twasohotse. . . Abagore bacu ntibari bicaranana rimwe. Umugabo ukiri muto witwa Green, yaje ansanga, ni se wa Mwene Data Pearry Green. Yaravuze ati: "Murazi, Mwene Data Branhamu, wa mugoroba mwavugaga ku gifungo bafungisha umusatsi cyangwa umutako bafungisha

umusatsi ”johnny‟. Ni ukuvuga neza i . . . iki? Umutako bafungisha umusatsi. ”Mwavugaga ku mutako ufunga imisatsi “johnny', noneho, dore umwe.” Yarawumpaye.

Noneho, dore umutako “johnny”, badamu, ariko ntimuzawushyire mu misatsi yanyu. Umutako ufunga imisatsi “johnny” . . . Yavuze ko yawukoresheje mu myaka myinshi mu gufata impapuro za Bibiliya kugira ngo zihagarare neza. Yaravuze ati: “Ngiye kubaha igifungo cy'ukuri ”johnny.''Ku bw'ibyo rero, Mwene Data Green, niba muri aha, ahantu runaka cyangwa se mukaba muri kumva, mundeke mbabwire ko iki gifungo “johnny” gitangaje, gifata impapuro neza nk'uko bikwiye.

11 Noneho, tujye mu Byanditswe nta kongera gukererwa. Kandi ndifuza ko twafatanya ubu Zaburi 55, tugakurikizaho Matayo 3. Uyu mugoroba, nari nahisemo nk'umutwe interuro igenda igaruka y'indirimbo ya Mwene Data Ernie: *Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura*. Nyamara, kuko nasezeranyije kuzana ubutumwa kandi nkaba ntari bushobore gukora ku byo nanditse byose n'imirongo mfite aha, mu buryo bworoshye ndasimbuka bimwe.

Niba Umwami abishaka, ku wa gatandatu utaha nimugoroba i Yuma, ndifuza kubwiriza ku bya ngombwa bikenewe ku muzamuko. Niba Umwami abishaka.

12 Zaburi 53. . . mumbabarire, Zaburi 55:

Tega ugutwi. . . (Ngo? 55, yego, mugabo.)

> *Mana, tegera ugutwi gusenga kwanjye, ntiwirengagize kwinginga kwanjye. Nyitaho unsubize, kwiganyira bintera gukora hirya no hino, bikanihisha,*
>
> *Ku bw'ijwi ry'umwanzi, ku bw'agahato k'abanyabyaha, kuko banteza amakuba, bakangenzanya umujinya. Umutima wanjye urambabaza cyane, ubwoba bwinshi bunguyeho nk'ubw'utinya urupfu. Gutinya no guhinda imishyitsi bingezeho, gukangarana kuramiranije.*
>
> *Ndavuga nti “Icyampa nkagira amababa nk'inuma, mba ngurutse nkaruhuka; Dore, mba ndorongotaniye kure, nkarara mu butayu. Sela. (Sela bishatse kuvuga ngo ”Amina‟.)*

13 Dawidi, umukunzi w'ahantu h'ubutayu, igihe yageraga mu makuba, abantu badashaka kumwumva, kandi abanzi be bamaze kumutera, aravuga ati: *”Iyo nza kugira amababa nk'inuma, mba ngurukiye mu butayu nkahatura.”* Ni inshuro zingahe natekereje ikintu nk'icyo. Iyo nza gushobora gushingura imbunda yanjye mu rukuta, gufata umufuka w'ibikoresho byanjye, kujya ahantu h'ubutayu no kutongera kugaruka na rimwe. . . Nasabye Umwami kundeka nkabaho ngo ndebe umunsi. . . Sinifuza rwose umuhango wo gushyingurwa. Naravuze nti: “Iyo nza gusa gushobora kujya ahantu runaka mu biti, nkarambika imbunda yanjye nziza ishaje y'inzobe 'Blondine'ku giti. . .” Mumbabarire, ni imbunda yanjye; mvu - mvu - mvuze ibi kuko umugore wanjye wicaye hariya. Murazi, hamwe n'iyi mbunda mwene Data yampaye hashize imyaka, nishe imihigo mirongo itanu n'itanu ntabura guhamyu, kugeza ku ntera ya metero magana arindwi kugera kuri magana inani. Nyita “Blondine” kuko umugore wanjye ni umugore ukiri muto w'inzobe; avuga ko ntekereza cyane ku mbunda kurusha uko mutekerezaho. Ariko . . .

Ni ukuvuga ngo, ni - nifuzaga kwegeka imbunda yanjye ku giti noneho ubwo nkavuga nti: “Mwami, emera ko Yozefu azayibona umwe muri iyi minsi.” Nifuzaga kugira amababa y'inuma noneho nkaguruka.

Nk'umunsi nari ndi aho hejuru mu misozi; nitegerezaga ikizu, nakibonye kiguruka (muzi iyo nkuru) noneho ndavuga nti: “Mwami, ni byiza kuba aha, nkuko Petero yabivugaga ati: Twagashinze amahema atatu.'Ariko hasi, ku ntangiriro y'umusozi, abarwayi n'abafite intimba barategereje: abazimiye ndetse n'indembe zenda gupfa.” Dukore noneho ibyo dushobora gukora hakiri ku manwa, kandi umunsi umwe hazaba i . . . hazaza amababa y'Ikizu cy'Umweru. Kizadutwara.

14 Noneho, muri Matayo 3.16, nifuzaga gusoma imirongo 16 na 17:

> *Yesu amaze kubatizwa, uwo mwanya ava mu mazi, ijuru riramukingukira abona Umwuka w'Imana amanuka asa n'inuma amujyaho.*
>
> *Maze ijwi rivugira mu ijururiti “Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira.” (Mu yandi magambo: “Aho Nishimira kuguma.) [ubusobanuzi bwa Darby]*

15 Noneho, tugiye kuvuga gato kuri iyi nyoni. Inuma yagumye kuba imwe mu nyoni zanjye zigira amahirwe. Ku bijyanye n'inuma, inuma ni ukuvuga neza. . . n'intungura ni inyoni nk'iyo. Intungura ni inuma yo mu rugo. Zombi zose uko ari ebyiri ziva mu muryango umwe. Narabigenzuye neza ni umuryango umwe. Intungura n'inuma, zose uko ari ebyiri ni umuryango umwe. Izi nyoni zifite imyitwarire idasanzwe. Nabwirije aha, hashize imyaka runaka, mu iteraniro munsi y'ihema na Mwene Data Moore ku: Umwana w'intama n'Inuma. Ndatekereza ko mubyibuka mwese, ko inuma ari inyoni yera cyane dufite, n'umwana w'intama, inyamaswa yitonda cyane. Zombi uko ari ebyiri ni inyamaswa z'ibitambo.

16 Mbega igishushanyo umwana w'intama aduha kuri Yesu, n'inuma, by'Imana. Inuma ntiyari bushobore

guhagarara ku kirura; kamere yayo ntibikwiye. Ntiyari bushobore guhagarara ku mbwa; kamere yayo ntibikwiye. Byagombaga kuba umwana w'intama. Izo kamere ebyiri zagombaga gusa. Kandi ni uko tugomba kumera; kamere yacu igomba guhinduka, ikava ku iy'umunyabyaha uhuma, ikajya kuri iyi kamere ituje y'umwana w'intama. 41 Mwabonye ko ari Inuma yayoboye Umwana w'intama? Kandi mumenye ko Umwana w'intama yatanze ibyo yari afite byose mu biganza by'Inuma. Noneho murebe aho Inuma yamuyoboye. Ku kubambwa, ku bw'ibyaha byacu twese.

Nyamara, inuma ya. . . Imana ishaka kugaragaza Umwana Wayo, imugaragarisha inyamaswa yera cyane kandi yitonda cyane kurusha izindi ku isi, inyamaswa yo ku isi. Ariko igihe Imana yigaragazaga Ubwayo mu ijuru, yanyuze mu nyoni yitondo cyane kandi yera cyane kurusha izindi nyoni zo mu ijuru: inuma.

17 Nyamara, habaho amoko menshi y'inuma. Muri rusange, intungura tuzi, ifite amababa y'ikigina. Noneho, hari inuma y'agahinda n'inuma y'umugoroba. Hari n'iyo dufite iwacu, yitwa Sonora; n'inuma nto y'ikigina; inyoni ntoya ifite amababa itatse amabara y'umutuku. Hari amoko menshi y'inuma kandi atandukanira ku mabara. Ni kimwe n'ubundi bwoko bw'inuma bwitwa pijo.

Inuma ifite uko iteye kudasanzwe cyane. Muri kamere, ntishobora kurya icyanduye; ibyo ntibiyishobokera, kuko uko iteye birayibibuza.

18 Nyamara, nagumye kuvuga inuma nk'ikimenyetso cy'Imana, n'ikiyoni nk'ikimenyetso cy'indyarya. Ikiyoni gishobora guhagarara ku gikanka cyashaje, kikakirya umunsi wose, nyuma kikaguruka mu mirima, kikarya ingano iruhande rw'inuma. Inuma ishobora kurya neza cyane ingano ariko ntishobora kurya intumbi. Murabona? Ibyo ntibiyishobokera; ntishobora kubyuza. Nibazaga buri munsi impamvu, mu gihe zose uko ari ebyiri ari inyoni. Biterwa nuko ziremye.

Bimeze kimwe ku Mukirisitu w'ukuri. U - Umukirisitu woroheje wo mu idini ashobora neza kwihanganira ikintu icyo ari cyo cyose, ariko Umukirisitu wavutse bwa kabiri ntashobora kwihanganira ibintu by'isi. Aremye bitandukanye.

19 Navumbuye ko inuma itagiraga agasabo k'indurwe. Inuma ntigira agasabo k'indurwe, kuko itagakeneye.

Ku bw'ibyo niko bimeze ku Mukirisitu; ntakeneye na gato ubusharire, kuko ashobora gusa kurya ibiryo by'Imana, murabona? Kandi si ubusharire bukenewe ngo ibishwanyuze; ni urukundo rukenewe, murabona, bishatse kuvuga ko... kugira ngo ishwanyuze ibiryo. Ubusharire: "Yoo! Ni ko bavuga, noneho..." ntibumvikana na Ryo. Ariko urukundo ruraryakira buri munsi, Ijambo ry'Imana.

Ni ukuvuga ko itagira agasabo k'indurwe, ni ku bw'iyo mpamvu idashobora. . . neza birwanya kamere yayo yo kurya ikintu icyo ari cyo cyose kibi. Iyo iza kubikora, byari kuyica. Ariko ntimubigireho ikibazo, ntizabirya, kuko ntibikeneye na gato.

20 Ndetse ni ko bimeze ku Mukirisitu w'ukuri. Mwari muzi ko Umukirisitu w'ukuri atagira ndetse n'icyaha na kimwe kimubarwaho? Dawidi yaravuze ati: "Hahirwa umuntu Imana itabaraho gukiranirwa." Iyo mwogejwe mu Maraso y'Umwana w'intama (utigana ahubwo mu by'ukuri wogejwe na - n'Amaraso y'Umwana w'intama); Imana ntacyo ibabaraho ku byo mwakoze kuko muri munsi y'Amaraso kandi ibyo Ntibibona. Hari igitambo kiva amaraso; uburyo bumwe Ishobora kubafatamo ni uburyo Yababonye mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, igihe Yashyiraga izina ryanyu mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama. Ni ibyo gusa Ishobora kubona kuko mwacunguwe ibyo mwakoze byose, mwogejwe mu Maraso y'Umwana w'intama. Ku bw'iyo mpamvu, nta gasabo k'indurwe kari muri mwe, nta mico yanduye muri mwe,

kuko Amaraso y'Umwana w'intama yabikoze; Imana ntishobora kubabaraho icyaha kandi mufite ituro ryoza ibyaha riraho ku bwanyu.

"Noneho, muravuga muti, ibyo noneho bimpa uburenganzira bwose, Mwene Data Branhamu, nshobora gukora icyo nshaka." Ni byo nkora buri munsi; buri munsi. Ariko iyo umuntu ashoboye mu by'ukuri kubona ibyo Yesu yamukoreye, agasubira inyuma ngo akore ikintu gitandukanye n'Uyu, ibyo byerekana ko atigeze yakira Krisitu.

21 Umugore wanjye muto yicaye hariya, inyuma. Ari hasi yanjye ho imyaka icumi kandi afite imvi nka njye. Ni uko yagiye hagati yanjye n'i - n'isi yo hanze. Nk'urugero, iyo najyaga hakurya y'inyanja kandi nka. . . Ibyo ntibyaba ari ubuzima budasanzwe bw'umuryango nteranyije umuryango wanjye iruhande rwanjye, nkavuga nti: "Reba hano, Madamu Branhamu, ni ngombwa ko umenya ko uri Madamu William Branhamu. Ntuzagire undi mugabo n'umwe igihe nzaba ntahari. Ntuzarebe rwose undi mugabo, n'ibindi. Ntuzaterete rwose (ntuzareshye rwose). Mu yandi magambo, ningaruka, nzatandukana nawe."

Iyo aza gusubiza avuga ati: "Noneho, mugabo wanjye nkunda, mfite na njye ikintu cyo kukubwira. Ntuzegere undi mugore n'umwe igihe uzagenda. Ntuzakore ibi kandi ntuzakore biriya. Mu yandi magambo, uzifate nk'uwatandukanye igihe uzagaruka mu rugo."

Ese byaba ari umuryango ukundana? Murabona? Oya. Niba mu by'ukuri mukunda. . . Nubwo nakora ikosa, nkanyerera, nkakora ikintu kitari cyo, nizeye ko yabimbabarira kuko ankunda. Abikoze, nizeye ko nabimubabarira, nta gushidikanya, kuko mukunda. Ariko niba na njye mukunda, igihe cyose na njye mukunda, nta majune na make afite. Nubwo yambabarira, sinifuza kumukomeretsa. Na - na - nakwiyumva nk'umuntu uciriweho iteka kurusha abandi ku isi; sinashobora gutegereza igihe cyo kumwaturira ibyo nakoze, kuko mukunda. Noneho, ni . . . Niba mukunda kugeze ku rwego rw'urukundo rwa filewo, ruzakomera gute urukundo rwanjye agapawo rwa Yesu Krisitu?

22 Nashobora kunwa itabi. . . sinigeze na rimwe mbikora mu buzima bwanjye, ariko nubwo naba narabikoze, Yabimbabarira, nizeye ko Yabikora. Iyo nza kunwa intama . . . sinigeze na rimwe nwa mu buzima bwanjye, ariko nizeye ko Yabimbabarira. Ndamukunda cyane, - Imana ibindinde, - sinshaka gukora ikintu nk'icyo, murabona, kuko mukunda. Ibi bintu byamvuyeho kuko, igihe Yampinduraga imvana mu kiyoni ingira inuma, ibyo byakoze ikinyuranyo. Sinkirarikira ibi bintu; ubwo rero icyaha ntikimbarwaho kuko ntashaka kubikora. Ntibiri muri kamere yanjye kubikora.

23 Dufate ikindi kintu kidasanzwe ku bijyanye n'inuma. Ni inyoni idasanzwe. Mwabonye inyoni zose . . .

Imwe mu nyoni zanjye nkunda ni iyitwa umununi. Noneho, mwebwe bahungu, muhagarike kurasa izo nyoni zanjye iminuni, kuko ntashaka ko mubikora. Muzi ukuntu yagize agatuza gatukura, inyoni yanjye umununi? Umunsi umwe, murazi, hari Umugabo wapfiriye ku musaraba, nta muntu washakaga kumufasha; Imana yari yataye uyu Mugabo, noneho Arapfa. Ibiganza Bye byari biteyemo imisimari, ibirenge Bye n'urubavu Rwe byavaga amaraso, ikamba ry'amahwa ryari ku mutwe We; amaraso yatembaga mu maso He. Noneho dore inyoni ntoya irahegera; inyoni ntoya y'umutuku. Noneho irabyitegereza . . . yibwira ko byari ibirori bibabaje cyane kurusha ibindi yigeze ibona. Yari izi ko yari inyoni ntoya gusa ariko, ibonye iyi misimari minini kandi y'ubugome y'abaroma iteye mu biganza Bye, yikubitaho n'umunwa wayo muto ngo igerageze kuyikura. Agatuza kayo kose kibira mu maraso; kuva ubwo, ihinduka umutuku. Na njye kandi, ndifuza kugira maraso Ye ku gatuza kanjye nk'ingabo, irwanya ibyo, igihe nzagenda ngo musanganire. Nkunda iyi nyoni nto umununi.

24 Ariko murazi, iyi nyoni nto umununi igomba koga, mu gihe inuma itagomba kubikora; oya. Ifite mo imbere muri yo ubwoko bw'amavuta ayisiga kandi agatuma ihorana isuku iva imbere ijya inyuma. Mwari mubizi? Ni igikorwa. Inuma irisiga ubwayo. Mwigeze mufata na rimwe imwe mu biganza byanyu, mukumva uyu muhumuro ifite? Inuma cyangwa ikintu cy'ubwo bwoko? Ni ayo mavuta yifitemo imbere. Umubiri wayo ufite umusaruro munini w'amavuta, utuma amababa yayo ahorana isuku inyuma, kuko isa neza imbere ujya inyuma. Ni ukuri. Ni inyoni ntoya ihebuje.

Noneho, nzi ko mushobora kuzihiga aha, muri Louisiana. Ntimuzabikore. Yoo! Njyewe, sinabishobora! Ndatekereza ko mbaye nshonje, byaba biri muri gahunda, ariko si - sinashobora na gato gukora ku mbarutso, mbaye nagombaga kubikora.

25 Hari . . . Inuma yibutsa igikorwa kidasanzwe cyane mu muryango wacu. Umunsi umwe, igihe nyogokuru wanjye . . . yakomokaga i Kentucky, mu gace ka Cherokee. Yenda gupfa, yari umugore muto, kandi yari . . . bari bafite . . . ndatekereza ko babyita ibibyimba by'uruhu cyangwa ikintu cy'ubwo bwoko; yari mu mubabaro ukomeye. Sogokuru apfukama imbere y'uburiri; mu gihe mama, masenge Birtie, masenge Howlie n'abandi bari bapfukamye impande. Marume Charlie (agahungu gato k'imyaka ine), bucura; mama, wari imfura, yari afite hafi imyaka cumi n'ibiri. Kandi aho, mu buriri, yari yasokoje imisatsi ye yirabura, noneho atangira kuririmba ati: “Rutare rw'ibisekuru, rwasadutse ku bwanjye, reka nihishe muri Wowe”, mu gihe yendaga gupfa. Sogokuru, uwo mwanya, ntiyari Umukirisitu. Namubatije ku myaka mirongo inani n'irindwi, mu Izina rya Yesu Krisitu, aho ku nkengero z'umugezi, aho Marayika w'Umwami yabonekeye.

Ariko igihe yaririmbaga iyi ndirimbo, ibiganza bye bifite intege nke mu kirere, inuma yinjira inyuze mu rugi; iregera, ihagarara ku buriri, itangira kuguguza. Imana itwara ubugingo bwe.

26 I Londres, mu Bwongereza, aho nagiye ndi kumwe na Mwene Data Jack na Mwene Data Gordon Lindsay, hari umugore witwaga Florence Nightingale, wanyandikiye amabaruwa menshi. (Yemeza ko ari, ndizera, umwuzukuruza, cyangwa ikintu nk'iki, wa nyakwigendera Florence Nightingale.) Yari aho muri Afurika y'Epfo, yenda kwicwa na Kanseri. Mwabonye ifoto ye mu gitabo. Mu buzima bwanjye, sinigeze mbona ikintu kica nk'icyo. Mwene Data Jack, ndizera, yari kumwe na njye uwo munsi. Twinjiye ku mushumba, mu baperesebiteriyene, neza inyuma y'urusengero aho bari bamuzanye.

Kuko twari tukiri ku i . . .ku kibuga k'indege, baduhamagarishije indangurura majwi. Yari ari ubwo mu mbangukira gutabara. Bamuzanye mu ndege kuva muri Afurika y'Epfo, bazi ko nagombaga kuza mu Bwobgereza muri icyo gihe. Umushumba yamuzanye ku baperesebiteriyene, ubwo twagiyeyo ngo tumusengere.

27 Nabonye abarwayi benshi, ariko amaboko ye mato, ntiyaragifite na santimetero ebyiri n'igice [puse 1] z'umubyimba; a - agahanga ke, aho ibice bihurira, mushobora kubireba. Kandi ya . . . amaguru ye kugera

mu rucyenyerero, ntiyaragipima nk'ibyo hafi santimetero ebyiri [puse 2] z'umubyimba. Hari amagufwa gusa. Ntiyashoboraga kuzamura ibiganza, rwose yari afite intege nke cyane. Yageragezaga kuvuga ikintu, ariko sinashoboraga kucyumva. Igihe nashoboraga kumva mfashijwe n'umufasha wa muganga, ndizera, yaravuze ati: "Mwene Data Branhamu, musabe Imana indeke mpfe." Ntiyashoboraga . . . ntiyashakaga kubaho. Nabonye amarira yatembaga kuri buri ruhande rw'amagufwa yo mu maso he. Ni gute yashoboye kubona amazi menshi muri we ngo arire? Simbizi, kuko imitsi ye yari irambuye kandi yari mu buryo buteye imbabazi. Nk'uje gusengera abarwayi, sinashoboraga gusengera ko yapfa. Ariko yasaga gusa nk'udashobora gupfa, yari ababaye. 65 Napfukamye mu cyumba n'umushumba wanyu kugira ngo nsenge. Kandi igihe nari mpfukamye ngo nsenge, inuma ntoya yaraje ihagarara iruhande rw'idirishya, noneho itangira kuguguza. Igihe narangizaga gusenga, natekereje ko

yari inuma yo mu rugo. Hanze, Hari ibicu; muzi ukuntu bimera hariya mu Bwongereza, mu birwa by'Ubwongereza. Iyi numa ntoya yahagaze kuguguza noneho irigurukira. Nigiye imbere noneho murambikaho ibiganza nambaza Izina ry'Umwami. Uyu mugore ni umugore ufite imbaraga kandi ufite ubuzima bwiza uyu munsi: ku mababa y'Inuma. Iguma kwera uturutse imbere. Umukirisitu na we akora ibyo, yiyeza ahereye imbere. Ibyo byirukana ubugome . . . Ntakeneye agasabo k'indurwe ngo yuze ibi bintu, kuko ntabirya. Arera kuva imbere ujya inyuma.

28 Noneho, turabona ko iyi nyoni . . . Mfite ibintu byinshi nanditse aha, ariko isaha ikomeje kwigira imbere. Iyi nyoni yanakoreshwaga mu Isezerano rya Kera nk'igitambo cyoza ibyaha kandi cyo kweza. Tugaruke noneho ku murongo, aha mu Itangiriro 15.9. Tugume twibuke uyu murongo, akanya. Noneho, Aburahamu yari . . . abaza Imana aha, uko Yabikora. Imana yongera yohereza Ijambo Ryayo kuri Aburahamu noneho imusubiza mu buryo budasanzwe. Dutangirire ahagana ku . . . Dutangirire ku murongo wa 1; sinkunda kubikora nihuta.

Hanyuma y'ibyo, ijambo ry'Uwiteka riza kuri Aburamu, mu iyerekwa riti, (Murabona, Aburahamu yari umuhanuzi, yagiraga rwose amayerekwa) . . . Aburamu, witinya ni jye ngabo igukingira, uzagororerwa ingororano ikomeye cyane." (Yehova Nissi, murabona)

Aburamu arasubiza ati: Mwami Uwiteka . . . (murebe M nkuru, "Mwami Uwiteka". Elohimu, murabona? . . . Mwami Uwiteka, . . . (mu iyerekwa) . . . uzangororera iki ko ngenda ndi incike, kandi uzazungura urugo rwanjye ari Eliyezeri Umunyadamasiko.

Aburamu ati: dore nta rubyaro wampaye, kandi uwavukiye mu rugo rwanjye azaragwa ibyanjye.

Maze Ijambo ry'Uwiteka riza kuri we riti Uwo si we uzaragwa ibyawe . . . (Yari imaze ubwo kumuha isezerano, murazi. Nta . . . Murebe, rwose aho, Aburahamu yaba yaragize intege nke ariko isezerano ntirigira icyo risaba; isezerano ntirigira icyo rigenderaho) . . .

Ahubwo uzakomoka ku rukiryi rwawe ni we uzabiragwa. (Kandi yari afite imyaka ijana muri icyo gihe.)

Aramusohokana, aramubwira ati: Rarama urebe ijuru, ubare inyenyeri niba wabasha kuzibara. Ati: Urubyaro rwawe ni ko ruzangana. (Umugabo udafite umwana kandi ufite imyaka ijana.)

Nuko yizera Uwiteka, abimuhwaniriza no gukiranuka.

Uwiteka aramubwira ati Ni jye Uwiteka wakuvaniye muri Uri y'Abakaludayi kugira ngo nzakurage iki gihugu.

Aburamu arasubiza ati Mwami Uwiteka, icyamenyesha yuko nzakiragwa ni iki? 68 Noneho, mwumve ibi: Uwiteka aramusubiza ati Enda iriza y'inka imaze imyaka itatu ivutse, n'ihene y'imyaka itatu . . . (mwitegereze bitatu, noneho; "by'imyaka itatu") . . . impfizi y'intama imaze imyaka itatu, intungura imwe, n'icyana cy'inuma. Ni ubwoko bumwe, ikintu kimwe. Murabona, bayikoreshaga mu gitambo kugira ngo bagaragaze Yesu.

29 Isezerano rirakorwa . . . muzi ukuntu yabagabanyije n'ukuntu ibi . . .

Cyangwa mu bihe bya cyera, igihe bafataga . . . bakoraga isezerano, bakoraga isezerano mu nyandiko. Nyuma bicaga inyamaswa noneho bagahagarara hagati y'ibice bibiri by'iyi; bacaga icyemezo cy'isezerano mo kabiri, umuntu umwe agafata igice . . .

Nk'uko inganda z'abashinwa zihindura imyenda umweru zari zifite umuco wo kubikora. Umushinwa, aha, ntiyashoboraga kwandika icyongereza, yandikaga aho hejuru, agaca agace k'urupapuro noneho akabaha igice kimwe. Na mwe - muribuka ko ubumesero bw'abashinwa bwari bufite akamenyero ko kubikora. Na mwe . . . ibice - ibice bibiri byabo by'impapuro byagombaga kuba bisa, kugira ngo bashobore kubona imyambaro yanyu. Murabona, ntimwashoboraga kumubeshya kuko yabagaga afite ikindi gice. Mwashoboraga neza kongera kwandika izina ryanyu, ariko ntimwashoboraga kongera guca urwo rupapuro. Murabona? Ni ukuvuga ngo, yagombaga . . . ibyo byagombaga kuba igice kimwe cy'urupapuro.

Ni uko babikoraga mu bihe by'iburasirazuba . . . hashize igihe kirekire cyane mu bihe by'iburasirazuba.

Bicaga inyamaswa, bagahagarara hagati y'ibice bibiri, nyuma bagaca igice cy'uruhu rw'ihene, noneho umwe agafata igice kimwe . . . Kandi igihe isezerano ryemezwaga, bashyiraga hamwe ibice, kandi ibi byagombaga gusa neza.

30 Noneho, ibyo Imana yamwerekaga aha, byarebaga ibi bitambo, byavugaga Krisitu. Imana ifata Yesu i Karuvari, iramushwanyaguza, yakira umubiri mu ijuru noneho imanura Umwuka kuri twe; Umwuka umwe wari kuri We ugomba kuba kuri mwe kugira ngo ubahurize ku Mubiri, ngo mube Umugeni mu gihe

cya nyuma. Murabona? Murabona? Ni ukuri, murabona? Noneho, ntibizaba idini. Bizaba Ijambo, icyo Yari cyo. Murabona?

Na none, iri Jambo rigomba kwiyongera ku Ijambo, nk'uko uturema ngingo tubikora mu mubiri w'umuntu. Murazi, iyo umubiri wa . . . umubiri wanyu utangiye kwirema, si akarema ngingo k'umuntu nyuma noneho ak'imbwa, na none nyuma ak'ingurube. Oya, oya, oya, twose ni uturemangingo tw'umuntu. Ni gutyo Umubiri wa Krisitu umeze, wose ni Ijambo ry'Imana. Nta n'igice gusa cy'Iri, inkuru runaka yongerewe kuri Iri; oya, ni Umubiri wa Krisitu wuzuye.

Noneho, turabona aha ko yakoreshaga icyarimwe intungura n'icyana cy'inuma, kuko mu buryo nta kuka ni umuryango umwe. Nyamara, buri gihe mu . . .

31 Murebe (ndifashishisha imwe muri iyi mirongo), Abalewi 12, umurongo wa 6. Tubona aha itegeko rijyanye no kwezwa k'umugore; iyo umugore yabaga afite umwana, yagombaga gutegereza. Iyo yabyaraga umuhungu, yagombaga gutegereza iminsi mirongo itatu n'itatu mbere yo gushobora kwinjira mu iteraniro hamwe n'inuma zo guhumanuka kwe. Iyo yagiraga umukobwa, yagombaga gutegereza iminsi mirongo icyenda n'itandatu mbere yo gushobora kwinjira mu iteraniro. 77 Noneho, turabona aha, ku murongo wa 6: Iminsi yo guhumanuka kwe irangiye, naho ahumanukira umuhungu cyangwa umukobwa, azazane umwana w'intama utaramara umwaka ho igitambo cyo koswa, n'icyana cy'inuma cyangwa intungura imwe ho igitambo cyo gutambirwa ibyaha abishyire umutambyi ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

Murabona, ntiyoshoboraga kongera kwinjira, kuko igihe cye cyabaga kitararangira. Ariko yashoboraga kubishyira u - umutambyi, ku muryango, ku bw'igitambo cye. Murabona, byaba intungura cyangwa icyana cy'inuma. Byombi uko ari bibiri ni umuryango umwe.

32 Nyamara, ba . . . Nyamara, bawukoreshaga mu koza ibyaha. Mu koza ibyaha: inuma. Cyangwa ku mubembe ushashanya icyaha, mwazanaga inuma ebyiri, kuri imwe, bakuragaho umutwe, bawuhindukizaga imbere noneho bakawunyanyagirisha amaraso ku yindi; noneho indi numa yararekurwaga. Noneho igihe inuma yagurukaga, yagendaga yuhira ubutaka n'amaraso ya mugenzi wayo, amaraso yaranihaga kugera ku Mana: “Uwera! Uwera! Uwera ni Umwami Mana!”

Ntimushobora kubona Yesu Krisitu, Inshuti yacu ipfa? Yarishwe noneho tuminjirwaho Amaraso Ye, ngo tubohorwe tuvuga n'ijwi rirenga tuti: “Uwera! Uwera! Uwera!” ku Mwami mbega ibintu bihebuje! Nakwifuza kugira ijwi ryiza cyane.

33 Ntimushobora kubona Yesu Krisitu, Inshuti yacu ipfa? Yarishwe noneho tuminjirwaho Amaraso Ye, ngo tubohorwe tuvuga n'ijwi rirenga tuti: “Uwera! Uwera! Uwera!” ku Mwami mbega ibintu bihebuje! Nakwifuza kugira ijwi ryiza cyane.

Nowa yakiriye ikimenyetso, nk'uko mwene Data amaze kubiririmba. Imana yararakaye, kandi nta cyari guhagarika umujinya Wayo, kuko Yavuze iti: “Umunsi uzaryaho, uzapfa.” Nowa yagiriwe ubuntu imbere y'Imana noneho yubaka inkuge akurikije inyubako . . . amabwiriza nako, Yamuhaye, noneho itangira kureremba ku mazi.

Nshobora kwibwira icye . . . ibyabaye muri icyo gihe, igihe abantu bavugaga bati: “Uyu musaza aho hejuru ku musozi, uyu musaza w'umufana wubatse inkuge kandi wavuze ko izagwa, mu gihe itarigera igwa na rimwe . . . ”Ariko ya . . .

Nowa aravuga ati: “Izagwa uko byagenda kose.”

Noneho nzi ko umunsi yinjiye, ndatekereza ko . . . ntashobora kwibuka ngo byari uwuhe munsi, ndatekereza ko byari 17 Gicurasi. Nowa yinjira mu nkuge noneho Imana ifunga urugi.

Hatangira kuboneka ibicu, imvura itangira kugwa, imivu itangira kuzura, amasoko y'umworera aratemba, n'amasoka yo mubutaka aruka mu buryo bwuzuye amazi yayo. Nyuma noneho, abantu binjira mu nzu, burira ibisenge. Inkuge ya cyera yagumye kuguma mu mwanya.

Nyuma y'igihe gito, igihe habagaho ikirundo gihagije uruhande rwayo, itangira kuzamuka ijya hejuru. Abantu bakomangaga ku rugi kandi bakuvuga n'ijwi rirenga, ariko ibyo byabavuniye ubusa, kuko Nowa ntiyashoboraga gufungura urugi. Imana yari yamufungiranye, Imana yonyine ni Yo yashoboraga kuyifungura.

Ndetse ni ko bimeze ku nkuge yacu, Yesu Krisitu; Imana yadufunguriye urugi kuri Karuvari kandi Izarufunga. Ni byo ko Yarufunguye.

34 Iraremba, ikomeza kureremba, wenda kuri metero igihumbi na magana atandatu [igihumba1] hejuru y'ubuso bw'isi, igihe iyi yagwaga kure y'umuhanda wayo . . . mu - mu mwanya wayo usanzwe. Yagendaga, ireremba aha na hariya, hagati mu bisigazwa n'ibiti, inyura hejuru y'imisozi, n'ibindi, yikaraga mu gihe cy'iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine.

Kandi igihe imiyaga yacogoraga . . .

Umujinya w'Imana uteye ubwoba. Urukundo rwayo ruraboneye kandi ni urwa kimana; n'umujinya Wayo na wo ni uwa kimana - ni uw'Imana nk'urukundo Rwayo, kuko nk'Umucamanza, Igomba guca urubanza. Itanga amategeko, kandi itegeko ritagira igihano si itegeko. Ni ukuvuga ko hagomba kubaho igihano igihe hari itegeko. Iyo mwishe amategeko y'Imana, mugomba ubwo guhura n'igihano.

35 Noneho, turabona ko nyuma yuko Nowa areremba aho hejuru . . . yagombye, nta gushidikanya, kugira ibibazo by'inyanja bitewe n'uru rusaku rwose n'uku gusandara mu gihe umujinya w'Imana wagendaga ukubita hagati mu nduru n'ibindi. Nyuma ibyo bitangira gutuza; ntihagira ikindi kintu kiba. Iminsi irahita, ntihagira ikindi kiba. Birashoboka ko ibiryo bari bahunitse by'amatungo byari bitangiye kugabanyuka, nta cyabaga. Ubwo noneho aratekereza ati: "Ndibaza . . . sinshobora kureba hanze."

Inkuge yari yubatse ku buryo igihe wabaga uri imbere, kuko nta dirishya na rimwe ryari rihari kandi ikaba yari iri neza ko musozi, ntimwashoboraga kureba ku ruhande, ntimwashoboraga kureba ahandi uretse neza hejuru. Ni uko Inkuge imeze, Yesu Krisitu. Ntimushobora kureba umuturanyi, nta kindi mushobora kureba uretse Krisitu igihe muri mu Nkuge, kuko nta dirishya na rimwe rihari kandi Ni We urwo Rugi turi kuvuga iki gitondo. Mugomba gukomeza kureba hejuru, "Kuko uwashyize ikiganza ku mashini ihinga kandi akongera agahindukira ngo arebe inyuma, nta kwiriye guhinga."

36 Noneho, nko muri iyi nkuge . . . Yashoboraga kubona umucyo, wenda izuba, ariko yibazaga aho ryari riri. Inkuge yakomezaga kureremba,

yashoboraga kumva urusaku rw'umuhengeri wakubitaga inkuta, ariko yari azi ko iminsi myinshi imaze gushira; cyane ko amazi yari atangiye kugenda. Noneho ashaka inyoni ibeshya kandi y'ingambanyi; arayemeza noneho ayohereza hanze. Cyari icyiyoni kandi iki cyiyoni nticyigera kigaruka, kuko cyishimiye neza aho, hanze y'inkuge y'Imana. Cyashakaga buri imwe mu ntumbi zishaje zapfuye, kiryohewe n'imibiri y'intumbi n'intumbi z'inyamaswa zarerembaga ku mazi; cyari mu buryo bwuzuye kinyuzwe.

37 Ku bw'ibyo rero, nyuma y'iminsi myinshi, arongera aragerageza kuko yari azi . . . Ntiyashakaga gusohoka munsi y'umujinya w'Imana. Ni bwo noneho yarekuzaga inuma. Iyi numa yari ifite kamere itandukanye . . . Ntiyari kagoma cyangwa inyamaswa irya intumbi zaboze, kuko ishobora gusa kurya ibintu bisukuye kandi byera. Yishimira cyane kugaruka mu nkuge, kuko ntiyashoboye kubona ahantu na hamwe yahagarika ikirenge cyayo. Nowa aravuga ati: "Noneho, umwuzure uracyahari."

Noneho ategereza na none iminsi myinshi, arongera arayohereza. Nkunda isengesho rye: "O Mana, umujinya Wawe wagabanyutse? Ese, ese umujinya wawe warangiye, Mwami? Ese warangiye neza?" Noneho aravuga ati: "Noneho, ninyohereza hanze iyi nshuro, izashobora kuhaguma, niba amazi ari hasi; izashobora kuhaguma." Ariko ayohereza, asenga, ihageze, iyobowe n'Imana, ica ikibabi cy'umuzabibu, igaruka iguruka, kandi irongera ikubita ku idirishya.

Imana ikoresha inuma nk'ikimenyetso. Igaruka ivuga ko umwuzure warangiye. Noneho Imana ifungura urugi noneho basohoka mu nkuge. Ibi ni Itangiriro 8.8.

38 Imana ikoresha inuma nk'ikimenyetso. Igaruka ivuga ko umwuzure warangiye. Noneho Imana ifungura urugi noneho basohoka mu nkuge. Ibi ni Itangiriro 8.8.

Yarakoreshejwe kandi muri Matayo 3.16, igihe umujinya w'Imana wongeraga kuba ku isi. Nta buryo na bumwe bwari buhari . . . byari mu ijoro ry'umwijima ukabije, saa sita z'ijoro; amadini yari yaracuritse ibintu ku buryo nta nzira n'imwe yari igihari yo kubisohokamo. Hari abigisha b'ibinyoma, ubwoko bwose bw'ibintu bwaragaragaraga, ibyemezo by'ubwoko bwose byarafatwaga, ariko Imana yongera ikoresha inuma. Ibyo birashimisha; Umwana Wayo, Yesu, Aramushimisha ku buryo Yayigaragaje.

Nyamara, ntibashoboraga kwizera ko uyu mwana wari wavukiye, aho muri iki kiraro, mu muvure w'ibishishwa, mbere y'uko abo bitwa papa na mama bashakana . . . Ntibashoboraga gusama Imana idakoresheje ikintu nk'iki. Ni ukuvuga ko Yagombaga kwerekanwa mu maso y'isi; uwo munsi, igihe Yamanukaga ku mugezi, kugira ngo ahamye ko Yari Umuyobozi w'umurimo w'Imana (Navuze iki gitondo) . . . Igihe Yubahaga akinjira mu mazi . . .

39 Noneho, niba mureba aha, hari isomo rikomeye. Yohani ni we wari umuntu ukomeye ku isi muri icyo gihe. Yesu avuga ko, kugeza ubwo, nta muntu wari warabayeho, wabyawe n'umugore ukomeye nka we.

Kandi yari umuhanuzi. Murabyizera? Nyamara, mwibuke, niba Ijambo ry'Imana rigomba kuza ku muntu ku isi, ni ku muhanuzi. Ni bwo buryo bwo gukora kw'Imana buri munsi. Mwizera ko Yesu yari Jambo wagaragaye mu mubiri? Ku bw'ibyo rero, hari uburyo bumwe gusa kuri We bwo kugaragara mu bantu; si wenda n'abapadiri.

Ntiyigeze aza avuga ati: "Kayifa, urashaka kungaragaza?" Iyo Aza kubikora, Yari kuba akoze ikosa nk'irya Dawidi, nk'uko twabibonye mu isomo ryacu undi munsi. Murabona, iyo Aza kujya mu idini akavuga ngo: "Murashaka kungaragaza?"

40 Murebe gusa kuvuka Kwe. Igihe Yavukaga, Yavukiye mu gicucu cy'idini. Bavugize nta gushidikanya inzogera n'ibindi, ariko byabaye abungeri bamumenye, ndetse n'Abanyabwenge. Murabona?

Noneho ubu, Nguyu, ku . . . yiteguye ubukozi Bwe. Kandi niba Ari Jambo . . .

Dukurikije gahundi ikomeye y'Imana, Ijambo rishobora gusa . . . "Umwami, Uwiteka, nta cyo akora atagihishuriye mbere na mbere ku bagaragu Bayo abahanuzi." Ibyo buri gihe nibwo buryo Bwayo, bigomba kumera gutyo. Igihe ibimenyetso byamenwaga, igihe ikintu cyose, igihe igikorwa cy'ingirakamaro cyabaga ku isi, Imana ibihishurira abahanuzi Bayo.

Yohana yari umuhanuzi kuko yahanuraga kuza Kwe.

Noneho umunsi umwe, aho, ku ntangiriro y'umusozi . . . impaka zivuka mu itsinda ry'abatambyi bari aho. Umwe muri bo aramubwira ati: ''Urashaka kutubwira ko uri 'umuhanuzi', kandi ukaba uhagaze aho muri iki cyondo?" (oya mu rusengero kuko ntibamushakaga) "Uhagaze muri iki cyondo, urambwira ko igihe kigeze aho Yehova ukomeye wategetse ibi bitambo, Yehova ukomeye wubatse uru rusengero kandi warwinjiyemo mu ishusho y'Inkingi y'Umuriro . . . ko umunsi uzagera ubwo iki gitambo cya buri munsi kizakurwaho?"

Aravuga ati: "Hazaza umuntu, kandi Ari hagati muri mwe uyu mwanya (ahantu runaka aho), Azakuraho icyaha." Umupadiri byaramucumuje.

41 Yohana azamura umutwe! Nyamara, ni iki? Umuhanuzi! Kandi dore Jambo, dore Jambo araje, yigira imbere neza asanga umuhanuzi, mu mazi. Yohana aravuga ati: "Dore Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'isi. Nguyu, ni We." Yesu ntiyavuze ijambo na rimwe. Yigira imbere neza mu mazi. Nshobora kureba, ahagaze muri aya mazi, (mutekereze iki gikorwa!) bibiri mu binyabuzima bikomeye cyane byasuye isi: Imana n'umuhanuzi Wayo.

Murebe, Jambo yaje ku muhanuzi muri uku kugabura k'ubuntu, mu mazi, natekerezaga ko mwabifata! Mu mazi! Guhishurirwa kwa mbere kw'Ijambo kwabereye mu mazi. Noneho, murabona aho Umugeni, Ubutumwa bw'Umucyo bwo ku mugoroba bwatangiriye? Mu mazi! Ijambo, Ijambo ry'ukuri ritavanze n'amahame, ahubwo ryaje ku muhanuzi mu mazi no mu nzira y'amazi.

42 Murebe! Mushobora gutekereza amaso ya Jambo n'amaso y'umuhanuzi bihura mu mazi? Yoo! Birarenze ku bwanjye! Aha hari hahagaze umuhanuzi, na hariya hari hahagaze Jambo, barebana umwe ku wundi mu maso. Umuhanuzi aravuga ati: "Ni njye ukeneye kubatizwa na We, kuki Uje unsanga?"

Noneho Jambo aravuga ati . . . Ibyo bigomba kuba ukuri. Noneho, mureke nsobanure iki gikorwa:

"Yohani, uri umuhanuzi, uzi Ijambo." Murabona? "Uranzi, uzi uwo Nde We."

"Ni njye ukeneye kubatizwa na We", ni ko Yohana avuga.

Yesu aravuga ati: "Reka tubikore. Ni ukuri kuzuye, ukeneye rwose kubatizwa na Njye. Ariko ibuka, Yohana, nk'umuhanuzi, dutegetswe cyangwa birakwiriye kuri twe (nka Jambo n'umuhanuzi) ko dusohoza buri Jambo. Kuko Yohana," (dore guhishurirwa noneho) "Yohana, uzi uwo Ndi We, Ndi igitambo. Kandi dukurikije Ijambo ry'Imana, igitambo cyagombaga kozwa mbere y'uko kigaragazwa nk'igitambo." Ese ni byo? Ijambo . . . "Umwana w'intama yari yogejwe, nyuma agaragazwa nk'igitambo, kandi Ndi uwo Mwana w'intama. Ngomba kozwa mbere yo gushobora kwerekanwa mu isi nk'igitambo. Reka tubikore, Yohana, kuko ibi biradukwiriye nka Jambo n'Umuhanuzi bari hamwe."

43 Noneho, ntihagomba kubaho ikosa. Noneho, buri kimwe muri ibi bintu . . .

Murabona, iyo ibyo biba bitarateganyijwe, Yohana aba yarabaye nk'uwo ari we wese muri twe; ku bw'ibyo . . . Baravuga bati: "Yego, nzi - nzi uwo Uri We, Mwami."

"Noneho, aravuga ati, tegereza akanya gato, Ndi Jambo. Umuntu ntazatungwa n'umutsima gusa, ahubwo n'Ijambo ryose. Eva areka rimwe riragwa, ariko mugomba gufata buri Jambo. Ndi icyo gitambo, kandi Ngomba kozwa mbere yo kwerekanwa. Ariko icyo wavuze, Yohana, ni ukuri."

Yohana nk'umuhanuzi, azi ko Ijambo ryagombaga gusohora, arabikora kandi aramubatiza. Avuye mu mazi, ubwo haza Ubutumwa bw'Ijuru ku mababa y'inuma: "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda cyane."

Yohereza ubutumwa bucungura bw'ubuntu ku mababa y'Inuma imanutse mu ijuru. "Amahoro ku isi mu bantu Yishimira." Kuva ubwo, Igitambo cyari kiteguye; Ijambo ryacungura isi yose: "Byose birasohoye."

44 Inuma ikoreshwa muri Bibiliya nk'ikimenyetso cy'amahoro. Ibihugu bimwe na byo biyikoresha nk'ikimenyetso cy'amahoro. Dufite ibihugu . . .

Igihugu cyacu gihagarariwe n'ikizu. Hari izindi nyoni, ibindi bihugu; Roma ifite ikizu, Ubudage bufite ikizu; byinshi muri byo bifite inyoni zikomeye zo mu kirere. Ariko, muri ibi byose, inuma igaragaza amahoro ku bantu bose. Ni ikimenyetso cya rusange.

Nk'uko Mwene Data Green yabivugaga umugoroba umwe, Mwene Data Pearry Green yaravugaga ati: "Ikimenyetso cyo kwemera itsinzwi, ni ukuzamura ibiganza. Ku bwoko bwose, kuzamura ibiganza bisobanura kwemera itsinzwi. Iyo muririmba, muzamure ibiganza, muba muretse ibyo mwakoraga mu buryo bwuzuye."

Inuma ni ikimenyetso cy'amahoro kuri buri gihugu. Kubera iki ibyo? Kubere ubugwaneza bwayo no kutagira amakosa kwayo. Ni cyo gituma ari ikimenyetso cy'amahoro.

45 Ikindi kintu ku bijyanye n'inuma, ni inyoni ikunda kuba mu rugo rwayo. Ikunda kuguma mu rugo.

Ikirenzeho, iguma kuba indahemuka kuri mugenzi wayo bibana. Inuma (yaba ikigabo cyangwa ikigore) ntizijya zitandukana na rimwe. Ikigore gisanga mugenzi wacyo mu gihe cyo gukora urukundo. Murabona, ni ishimwe ku kiremwa gikomeye cy'Imana. Ni yo mpamvu Yakoze, muri Eva, ikintu kiri hasi. Murabona? Iyo aza gukorwa nk'ibindi bigore, iyo igihe cyo gukora urukundo kiza kugera, aba yarasanze mugenzi we, ariko yabishoboraga igihe icyo ari cyo cyose, murabona? Ku bw'ibyo, ni ko bimeze. Nda . . . Ntidushaka kwinjira aho imbere kuko nabisobanuye mu kurongora no gutandukana n'ibindi. Kandi ni gute ibyo . . . Ariko nubwo bimeze gutyo, arubashywe kandi yazanye iyi mbaraga, kandi muzi ibyo nigishije aho hejuru, undi mugoroba. Byiza cyane. Murebe, afite inshingano ikomeye.

Ikirenzeho, iguma kuba indahemuka kuri mugenzi wayo bibana. Inuma ntizijya zitandukana na rimwe.

46 Nshobora guhagarara aha akanya gato kugira ngo mvuge ibi: Umugeni w'ukuri, inuma y'ingore, ni indahemuka kuri Mugenzi wayo nayo. Ntizinjiza inyigisho n'imwe, imyizerere ya kidini n'imwe, ikintu na kimwe cy'isi. Izaba indahemuka kuri Mugenzi wayo, Ijambo; buri gihe indahemuka.

Bitewe n'iyi myitwarire yo kuguma mu rugo, kubera imyitwarire yo kuguma mu rugo yayo, yakoreshejwe mu ntsinzi nk'inuma igenda. Kuko ikunda iwayo, bayirekurira ahari ho hose, izagaruka buri gihe igana mu rugo. Izagaruka iwayo.

Twashakaga gutinda aho umwanya muto. Mwe, Abakirisitu, mwumve icyo nshaka kuvuga. Ibona inzira yayo buri gihe kugira ngo igaruke mu rugo; ni ku bw'ibyo bayikoresheje nk'inuma igenda. Kera, bayikoreshaga mu gihe cy'intambara; bakoresha buri igihe izi numa zigenda kugira ngo zijyane ubutumwa. Ku bw'ibyo, murabona ko ibyo bigira inuma intumwa ikoreshwa n'Imana kandi n'Umuntu. Inuma ni intumwa. Yari intumwa kuri Nowa, yamubwiye ko amahoro yagarutse. Imana yayikoresheje kugira ngo ihamye ko Uyu yari Umwana Wayo: Igitambo kigomba kuzana amahoro ku isi ku bantu Yishimira. Yakoreshejwe nk'intumwa.

47 Aha neza, nibutse inkuru ntoya nasomye inshuro imwe mu gitabo. Noneho, sinshobora kubihamya, ariko birashoboka ko ibyo biri mu "kurangira kw'intambara ya mbere y'isi". Simbihamya neza. Niba mutabibona aho imbere, ubwo nkoze ikosa. Cyangwa nabisomye mu gitabo . . . ibyo bimaze imyaka myinshi. Ariko byari neza i - i . . . Ibyabaye byari biteye agahinda mu by'ukuri.

Abasirikare b'Amerika bari bari mu gipimo cy'imbunda za miterayeze z'abadage kandi bari bari mu kintu kimeze nk'icyobo. Mwebwe, abasirikare, mwumve, ndatekereza, ukuntu bari bashyizwe ku burinzi bwo kuneka ahantu runaka. Bari bafunzwe kandi bari basigaranye ibikoresho bike cyane gusa. Abadage bigiraga imbere ari benshi kandi bakajya ahantu hose. Bari bazi ko uretse kubona ubufasha, inkunga, bari bagiye bose mu kanya gato gupfa. Ni ukuvuga ko byari iby'ingenzi. Abadage bamanukaga neza ku musozi, bashobora kubabona hejuru kandi babagendaho uwo mwanya, nk'ibyo.

48 Umwe muri bo yibuka ko yari afite ikintu cy'amahirwe, inuma ntoya. Yari azi ko iyi numa, iyo iza gushobora gusohoka aho, yari bujyane ubutumwa mu buyobozi bukuru bw'ingabo, aho bari bafite ibirindiro. Noneho bandika ku rupapuro bati: "Dufungiye ahantu runaka, runaka kandi agace runaka. Nta

bikoresho tugifite. Mu masaha make tugomba kwitanga cyangwa tugatsembwa." Babifatishije cyangwa babihambiriye ku - ku kaguru k'iyi numa, noneho barayirekura.

Nyamara, ni inyoni ikunda kuguma mu rugo, ndetse . . . yakoze iki? Yagarutse mu rugo ngo isange cyangwa ngo ibone mugenzi wayo. Nta mahoro yari ifite ku bijyanye n'ibyo; byari biyikwiye gutaha mu rugo.

49 Igihe yazamukaga mu kirere, Abadage babona ibyari bibaye. Ku bw'ibyo, icyo bakoze, batangiye kurasa ku numa. Umwe muri bo arayihamya akoresheje miterayeze, cyangwa isasu rifite ubunini bwa mirongo itatu (calibre .30.) noneho riyica akaguru. Irindi riyica igice kinini cy'umugongo. Agatuza kayo kari kakomeretse ahantu hose. Rimwe mu mababa yayo ryari ryavuyeho; imaze gutakaza umutwe, yagurukaga ijya ahantu hose. Ariko ikomeza kuzamuka, noneho birangira ihageze. Yatakaje ibice, yakomeretse, yashenjaguritse, yacitse ibisebe, ariko yikubita mu birindiro n'ubutumwa. Yari inuma itandukanye n'izindi.

Ariko yoo! Yesaya 53 hatubwira Inuma yasize Ubuturo Bwayo n'ibyari byiza byose:

Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri We, kandi imibyimba Ye ni yo adukirisha.

50 Indwara, ubupfumu n'amadayimoni byari byaratuboshye. Nta buryo na bumwe bwari buhari bwo kubivamo; itorero ryari ryarayobye, bari barayobeye mu bintu bya kidini (abafarisayo n'abasadukayo bozaga inzabya n'amasahane) . . . n'Ijambo ry'Imana ryari ryarahinduwe ubusa. Ariko iyi Numa ntoya iramanuka; ikintu kimwe gusa cyashoboraga kubaho: Hagombaga kubaho Umucunguzi. 135 Nubwo yari yakomeretse, yashenjaguwe, yakubiswe, yashwanyaguritse, Yari izi inzira yo kugaruka mu Rugo. Ku bw'ibyo rero, ku musaraba w'i Karuvari aho bamwiciye, bakamutonyagurira, bakamushwanyaguza nk'inzererezi z'ibirura bamuzituriyeho, Igurukira i

Karuvari kandi igwa ku miryango y'Ijuru ivuga iti: “Byose birarangiye! Byose birarangiye! Barabohotse! Indwara ishobora gukira kuva ubu! Abanyabyaha bashobora gukizwa! Imbohe zishobora kubohoka!”

Nubwo yari ifite ibikomere kandi yakomerekeye muri iyi ntambara ikomeye aho, aho byose byamurwanyaga . . . Ndetse n'umusizi yabivuze mu ijwi rirenga ati:

Hagati mu rutare rwamenekaga

N'ijuru ryijimaga,

Umukiza wanjye yubika umutwe, arapfa;

Ariko umwenda wafunguwe uhishura inzira

Y'ibyishimo by'Ijuru n'umunsi w'iteka.

51 Ubuzima bwanjye bwose, nabaye umurwayi wo mu mutwe. Umuhungu muto, nakubiswe n'ikintu kibi cyanteye ubwoba; ibyo byambagaho hafi buri myaka irindwi. Mwene Data Jack aribuka igihe natangiraga, ko nasize aho nakoreraga umwaka, kuko hari ikintu cyari kimaze kuba.

Ndibuka umunsi ubwo Juanita Hemphill . . . Ndatekereza ko izina rye ari Juanita Kelly ubu; yashakanye na Mwene Data Kelly nyuma y'urupfu rw'umugabo we. Anna-Jeanne; mfite amafoto yabo n'ibindi; bari . . . n'ibye . . . aba bavandimwe babiri b'abakobwa na Mushiki wacu Moore bari bagize i - inyabutatu nto. Baririmbaga iyi ndirimbo ntigeze nibagirwa na rimwe: “Turebe hakurya y'izuba rirenga.” Mwene Data Jack, muribuka, ndatekereza, tuva i Floride. Mbega abakobwa bato badasanzwe.

52 Ndibuka ko, icyo gitondo, itsinda rito ry'abapantekote b'aha, mu majyepfo y'igihugu, ahantu runaka muri Michigan . . . aba bakobwa bato bari bahagaze aho igihe Mwene Data Hooper . . . Namubonye aha undi mugoroba, na . . . birashoboka ko yaba atari aha muri uyu mwanya, Mwene Data Ed Hooper. Muri aha, Mwene Data Ed? Sintekereza ko ari . . . Yari yicaye undi mugoroba. Benshi muri mwe baramuzi. We, Mwene Data Hooley na njye, turagenda. Kandi aba bakobwa bato bari bahagaze aho, mu Nguni, baririmba ibyo, baha buri umwe muri twe iroza ry'umuhondo bakuye ku musatsi wabo. (Ni aho uwo munyagicuri yakiriye; ibintu bikomeye byarabaye.)

Kuko nari nje mu muhanda, nk'uwari ufite amahirwe kurusha ibindi byose, ibyo binkubita mu kanya gato. Umwaka umwe urarangira mbere y'uko ninjira na none mu murimo w'akazi, ibyo byanyeretse ibintu byinshi.

53 Kuva mu bwana bwanjye, navugaga buri munsi . . . (Sinarinzi icyo iyerekwa ari cyo.) Nk'umwana, navugaga buri munsi nti: “Ni - ninjiye gusa muri bimwe muri ibi bihe by'umwuka kandi ibyo bikanzana mu gukira.” Iyi nshuro . . . Nifuzaga buri gihe kujya kwa Mayo kugira ngo menye ikitagenda. Abo baganga . . .

Mfite aside mu gifu; yoo! yo yo! . . . Mwene Data Jack yamfashije mu mirimo itandukanye mu rugo. Nateraga intambwe runaka impande noneho mbona ibisa n'amazi ashyushye kandi bifashe byansohokaga mu kanwa. Noneho nzamuka ku ruhimbi kandi nsengera abantu bari barwaye barembye cyane kwikuba kabiri, kandi barakize. Nabarambikishije ibiganze byanjye ku muntu wari afite kanseri mu maso, kanseri iragenda mu gihe yari ahagaze aho. Kandi na njye nari ndwaye cyane ku buryo ntashoboraga guhagarara.

54 Ntimuzi urwego nababayeho, bwari ububare bwo mu mutwe. Ibyo byagarukaga mu buzima bwanjye buri myaka irindwi. Ni aho ndi kugeza ubu: karindwi iminani.

Ku bw'ibyo, nari - nari mbabaye cyane; nararize, naringinze, naratakambye . . .

Kandi ndibuka igihe nabonaga ko mfite amafaranga menshi yo kujya kwisuzumisha kwa Mayo; barambwiraga bati: "Bazavumbura ibyo mufite." Umugore wanjye na njye, na Becky aho inyuma . . . Sara yari muto cyane. Nari maze rwose gutangira ubukozi bwanjye bwo gukiza. Noneho twagiye kwa Mayo.

Naciye muri gahunda zitandukanye zitangwa n'ivuriro. Ijoro mbere y'uko mbona . . . (Nagombaga gutanga ibizami bya nyuma bucyeye bwaho mu gitondo.) Narakangutse, nicara aho, ku buriri, ndeba iruhande rwanjye. Noneho mbona imbere yanjye umuhungu muto wasaga na njye neza; yari afite hafi imyaka irindwi; ndamusuzuma, yari njyewe neza. Yari ahagaze hafi y'igishyitsi gishaje cy'igiti. Kandi kuri iki giti . . .

55 Uwo ari we wese muri mwe, muhiga inkima, azi ko mushobora gukuba ku giti n'inkoni nk'ibyo, hejuru ujya hasi, kandi ibyo bizatera ubwoba inkima kandi bizatuma ihunga ibaye iri mu mwobo w'igiti.

Noneho ndeba ahantu aho iyo nkima yari iri, noneho ndatekereza: "Ni ubuhe bwoko bw'inkima?" Noneho nkuba igiti. Uwo mwanya, ndeba nitonze noneho byari njyewe hafi imyaka mirongo itatu n'umunani; umuhungu muto yari yagiye. Kandi, nkuba iri shami noneho, mu mwobo w'igiti, mu gishyitsi, hasohoka inkima ntoya hafi ndende gutya, yijimye, hafi umukara, twari buvuge imirasire mito yayisohokagaho; amaso yayo mato ameze nk'umwobo ucanye, byari ikintu gisa nk'igifite ubugome cyane naba narabonye. Yasaga cyane n'inyamaswa yitwa urutoni kurusha uko yasaga n'inkima.

56 Yari impanze amaso. Mfungura umunwa wanjye ngo mvuge nti: "Noneho . . . "Kandi muri uwo mwanya, ya... Mbere ndetse yuko mwahumbya, rimwe gusa, yinjira mu kanwa kanjye noneho imanuka mu gifu cyanjye, irancagagura. Mu gihe navaga mu iyerekwa n'ibiganza byanjye biri mu kirere, amaso afunguye, ntangira kurira nti: *"O Mana, ngirira impuhwe! Ibyo biri kunyica!"*

Numva Ijwi, imbere mu cyumba, ryavugaga riti: "Wibuke, ibyo bifite gusa uburebure bwa cm 15."

Ni bangahe bumvise iyi nkuru? Nayibabwiye inshuro nyinshi, bantu bo ku Gicaniro.

Noneho, ibyo byarakomeje ndetse kandi nababaraga buri munsi. Bucyeye bwaho, bene data Mayo baransuzuma. Baravuga bati: "Papa wanyu yari uwo muri Irlande kandi yaranwaga. Mama wanyu yari imvange y'umuhinde, ibyo bibagira hafi umumetisi. Ku bw'ibyo, muzaba... mufite imitsi imeze nabi cyane ku buryo mutazayikira na rimwe." "Mu yandi magambo, ni ko bavuze, mufite ubuzima bwiza. Ariko ibyo, ni ikintu kiri mu buzima umuntu adashobora kwirinda." Yongeraho ati: "Muzagira . . . "Aravuga ati: "Iyo umuntu apfuye, ntidushobora kubisesengura, kuko ubugingo bwe buba bwagiye. Noneho, aravuga ati, ntimuzigera mubikira."

57 Kandi uyu muntu aravuga ati, umuganga wanjye w'umusaza aravuga ati: "Data yarabifite. Yapfuye hafi ku myaka mirongo inani n'itanu cyangwa mirongo icyenda, n'ibyo hafi. Ukwezi kumwe cyangwa abiri

mbere yuko apfa, naramusuzumye. Yari abifite ubuzima bwe bwose. Yari afite, aravuga, 'ibihe'bye."

"Abantu bamwe babifite, yongeraho, bagira imimerere y'umujinya; ni nk'icyo cyibica. Abafite ubundi bwoko ni nk'abagore bacuze, bararira. Ku kibazo cyanyu, ni ubwoko butera kumva ufite umunaniro. Abantu cyera bavugaga ko bagiraga umubabaro ukabije, ibyo ntibyabavagaho." Aravuga na none ati: "Iyo bibakubise, mugira aside mu gifu; mwumva umubabaro."

Ndavuga nti: "Ariko, mugabo, nta cyo nkora na kimwe. Mfite amahirwe."

Arasubiza ati: "Ni ukuri, ibyo bisohoka gusa mu mufuka w'ibintu bitungurana bya muntu." Aravuga ati: "Muzabigira igihe cyose." Yoo! Mbega ukuntu bica intege! Ariko aya magambo: "Ibuka, ibyo bifite cm 15 z'uburebure", byankurikiranaga, nk'uko umugore wanjye nkunda aho inyuma ashobora kubibabwira. Umwaka ku mwaka, nabitekerezagaho.

58 Nyuma, njya hakurya y'inyanja, inshuro ya nyuma, nari . . . mbere . . . Noneho, nari ndimo ngaruka mu rugo. Nari ndi ku gice kimwe cyo guhiga inkima. Nasimbutse hanze y'ivatiri hamwe na Mwene Data Banks Wood uri kumva uyu mugoroba, noneho ntangira kurira umusozi niruka, ni nkaho umutima wanjye wari ugiye gusohoka mu gatuza kanjye. Nabajije ikibazo muganga Sam Adair. Naramubwiye nti: "Ni iki kibitera?"

Yaransubije ati: "Ubutaha nibyongera kubabaho, muzakore ikizami cy'umutima."

Naravuze nti: "Byiza cyane."

Igihe ibyo byisubiragamo umwaka utaha, nagiye gukora ikizami cy'umutima.

Yaravuze ati: "Nta kintu na kimwe kitagenda ku mutima wanyu, gusa mugira umujinya." Ubwo noneho byatangiye kwigaragaza.

59 Noneho, undi muganga, umwe mu nshuti zanjye nziza, yarambwiye ati: "Ni umutima wawe, muhungu wanjye, waba ugize neza witwararitse." Ni wo mwaka nahamagaye Mwene Data Moore noneho ashaka umuntu wo kubwiriza mu mwanya wanjye, igihe najyaga guhiga intama yo mugasozi hamwe na Mwene Data Fred; nazamukaga imisozi

nk'igihe nari mfite imyaka cumi n'itandatu, ikirometero ku kirometero, niruka; ibyo ntibyigeze bimbangamira na rimwe. Murabona?

Noneho naje kubibwira Sam. Yaravuze ati: "Noneho, hari ikintu kitigenda, byari ngombwa kwitondo.

Nyuma nagize iyerekwa ry'umuganga w'umusaza wari uhagararanye n'iyi . . . umuganga wa cyere, hamwe n'icyuma cye cyumva amajwi mu kuboko. Yaravuze ati . . . Umunsi umwe, yahagaze imbere yanjye noneho arambwira ati: "Ntutume bakubwira ko ari umutima wawe, ni igifu cyawe."

Ku bw'ibyo, na - naratekereje nti: "Noneho, ngiye gusa kwizera iri jambo, kuko ari iyerekwa." Noneho dukomeze.

60 Niteguye kujya muri Afurika...

noneho ntangira inkingo. Nagombaga guterwa urukurikirane rw'inshinge mbere yo kujya muri Afurika, kuko itegeko ribitegeka. Ku bw'ibyo rero, igihe nakiraga izo nkingo, yarambwiye ati: "Noneho, nta cyo nshobora kubona kidasanzwe kuri mwe. Ingano y'uturemangingo tw'amaraso (hemoglobine), agaciro k'amaraso yanyu ni mirongo icyenda na gatandatu. Mubaye mufite imyaka cumi n'itandatu, ntibyagenda neza cyane." Kandi yongeyeho ati: "Umutima wanyu ufite imbaraga cyane zo gutera kugeza imyaka ijana. Ibihaha n'ibindi, mufite ubuzima bwiza, nta sukari mufite mu maraso, nta cyo."

Naramubwiye nti: "Urakoze." Nakoze ikizami cy'umubiri ngo - ngo . . . kugira ngo nzane icyangombwa cya - cyanjye cyo kwa muganga mu biro.

"Ubwo, yarambwiye ati, ni iki mushobora kumbwira kuri ibi?"

Narasubije nti: "Nta cyo, uretse ko ngira aside mu gifu mu buryo buhoraho."

Yaravuze ati: "Noneho, ngiye kubibabwira." Yaravuze . . .

Naravuze nti: "Yoo, baransuzumye! Nagiye kwa bene Data Mayo n'ahandi hose."

61 Yaravuze ati: "Ariko mutegereza akanya gato. Rimwe na rimwe, igisebe ni gito cyane kurushaho ku buryo aya mazi afashe atazabyerekana; kandi rimwe na rimwe ni gito cyane kugira ngo gihishurwe, kuko ifoto yafashwe ni igicucu gusa. Igisebe gito cyane, ntimushobora kukibona, kuko ibyo ntibifata cyane. Ibikomere ku gifu

byashobora kubikora." Yongeyeho ati: "Nzi umuganga w'umusaza aha wabonye igikoresho, baragifite ubu; bashobora kubasinziriza n'ikinya gicye; bakabinjizamo uruhombo mu muhogo, kandi bakagera aho bareba mu gifu cyanyu kugira ngo barebe ikitagenda. Ya . . ." Yaravuze ati: "Ni umuntu nka mwe, ni Umukirisitu. Kuki mutajya kumureba?"

62 Nanditse izina rye: DR Van Ravensworth. Ku bw'ibyo, mu kugaruka kwanjye, nagiye kureba uwo musaza w'umuganga. Yoo! Ni umusaza udasanzwe, ukomoka mu muryango ukomeye w'abamisiyoneri w'abahindi bakomoka muri Irlande. Yari yarumvishe bamvuga, asoma igitabo cyanjye, kandi yoo! Yihutiye kumfata ikiganza; yaravuze ati: "Mwene Data Branhamu, byanshimisha gukora ibi ku bwanyu. Ngiye kubabwira ikigomba gukorwa: icyumweru gitaha, muzasimbukire aha kwa muganga; muzampamagare mbere yo kugenda." Yongeyeho ati: "Ngomba kubatera ikinya gicye, ibyo noneho bizatuma musinzira mu minota itanu."

Umwana wanjye neza yari amaze guterwa kimwe mu kumukura iryinyo, ndetse n'agakobwa ka Mwene Data Norman. Naratekereje nti: "Ibitotsi bicye by'iminota itanu nta cyo bizantwara." Natekerezaga ko nyuma nzanyurwa no gushobora kubireba.

63 Nyuma bucyehe bwaho mu gitondo, ndyamye mu buriri bwanjye, naga ijisho ku buriri bumeze nk'ubwanjye; umugore wanjye, wari uri aho, ntiyari yagakangutse. Noneho ndebera mu idirishya ahagana mu misozi minini ya Katalina, aho ntuye, aho Marayika w'Umwami yashyiriye iyi Nkota mu kiganza cyanjye, aho Abamarayika barindwi, mubona ku ifoto, bagaragariye, kandi n'aho ibintu bikomeye byabereye.

Ndareba, kandi mu gihe narebaga, mbona narimpagaze na none hafi y'iki giti, ahantu hamwe hari iyi nkima. Nazamuye amaso kandi ndatekereza nti: "Dore indiri y'iyi nkima." Kandi mu iyerekwa, naratekereje nti: "Ndibaza niba ikiri aho?" Nacukuye mu gihimba k'igiti, noneho ubwo irasohoka. Kandi mbere ndetse

yuko nshobora guhumbya (yari inkima idasanzwe cyane naba narabonye; noneho, bizabasaba kumenye ubukozi bwanjye kugira ngo mumenye ibi bimenyetso n'ibi bintu), yansimbukiyeho ariko ntiyampamya, ntiyahamije umunwa wanjye, yagonze agatuza kanjye noneho iragwa.

Muri ako kanya numvishe Ikintu Runaka kimbwira kiti: "Jya mu misozi ya Katalina."

64 Noneho ubwo narahindukiye, ndavuga nti: "Meda, wakangatse, mukunzi?" Noneho ndamukangura.
181 Yaravuze ati: "Bimeze gute?" Byari hafi saa kumi n'imwe za mugitondo.

Naravuze nti: "Narebaga aha, noneho ndongera mbona iyi nkima, mukunzi.

Iyihe nkima?"

Naravuze nti: "Iyo nabonye hahandi kwa Mayo. Urazi? Yabuze umunwa wanjye iyi nshuro kandi, nta kungeraho, yanyereye ku gatuza kanjye." Naravuze nti: "Imana ishimwe! Narategereje, yoo! Kuva mu bwana bwanjye, nifuje mu buryo bukomeye kubireba biba. Iyo nza gushobora kubibona biba, si ndetse . . . Mbere yuko ndetse menya icyo iyerekwa ari ryo, nibwiraga ko iyo nza gushobora kubibona biba, ubwo byose byari bugende neza kuri njye. Icyo ibyo byambwira cyose, ni cyo nzaba. Mu myaka mirongo ine, narabitegereje, kandi dore byarabaye."

Kera, igihe nari kwa Mayo, igihe nari ndi aho, igihe bampaga ubu butumwa, kandi nkabona iyerekwa . . .

65 Mama wanjye ushaje yigiriye mu Bwiza ubu, ni umugore udasanzwe cyane. Yagize hafi inzozi eshatu cyangwa enye mu buzima bwe, kandi igihe cyose zabaga ari ukuri. Yarambwiraga, kandi i . . . Yatangiraga kumbwira kandi naramubwira nti: "Hagararira aha rwose, mama, ngiye kukubwira ibisigaye." Murabona?

Kuko inshuro zose mumpaye inzozi zo gusobanura, ntimuzimbwira buri gihe mu buryo bwuzuye. Ubwo rero, iyo nongeye kuzibona, mbona neza ibyo mwarose, nyuma imbwira ibyo ari byo. Murabona? Ntimukeneye kumbwira inzozi, Irazinyereka Ubwayo. Murabona? Ubwo mbona icyo kintu kandi nkavuga nti: "Noneho, ntimwambwiye ibi na biriya." Murabona? Ku bw'ibyo rero, Imana ishobora gusobanura inzozi, ishobora kwerekana inzozi; ishobora kuzerekana no kuzisobanura. Ku bw'ibyo rero . . .

66 Noneho, ntihari ikintu nk'icyo muri Bibiliya, aho bivugwa ngo: "Niba mushobora . . . "? Na - na . . . Ibyo mpita mbyibuka uwo mwanya: Daniel, si byo? Oya, Yozefu; Yozefu. Noneho, ni muri Bibiliya ahantu runaka.

Ndabyibutse ubu. Aravuga ati: "Mushoboye kunyereka . . . Mushoboye kumbwira icyo . . ." Yoo! Ni umwami Nibukadenezari, ni ukuri! Aravuga ati: "Niba mushobora . . . Niba mudashobora . . ."

Abakonikoni baravuga bati: "Tubwire inzozi."

Aravuga ati: "Icyo kintu cyancitse." Ni ukuri, ndabyibuka, maze rwose kubitekerezaho. Noneho, murebe. Mama yarambwiye ati: "Billy . . . "Mu kugaruka kwanjye, yarambwiye ati: "Ngwino hano muhungu wanjye, wicare." Yongeyeho ati: "Narose inzozi zidasanzwe. Narose ko nakobonaga ujya kuryama urwaye, wenda gupfa, kubera igifu cyawe, nk'ibisanzwe." Ni amasahane angahe y'ibiryo by'umwihariko atanteguriye! Yarambwiye ati: "Wubakaga inzu ku musozi. Noneho mbona inuma eshashatu z'umweru zimanuka mu ijuru, zikoze inyuguti ya 'S'; zaraguguzaga, noneho zihagarara ku gatuza kawe. Wararebaga, noneho iyariri imbere yageragezaga kukubwira ikintu." Yaravuze ati: "Zari inuma z'umweru, umweru ucyeye cyane. Zabyigishaga imitwe yazo ku matama yawe kandi zikavuga ziti gu . . . gu . . . gu . . ." Yaravuze ati: "Ntacyo numvaga. Zikomeza zidacogora kuvuga ngo gu . . . gu . . . gu . . ."

Naravuze nti: "Yoo! Ndazibona! icyubahiro kibe icy'Umwami!" Yongeyeho ati: "Zarongeye zikora inyuguti ya 'S'noneho zirongera zizamuka mu ijuru, zivuga ngo gu . . . gu . . . gu . . . zigarukira mu rugo."

Noneho, inyamaswa nto nabonye yarifite cm 15 z'uburebure. Kuguruka mama yabonye kwari gukozwe n'inuma esheshatu; gatandatu ntizuzuye. Nzi ko umunsi umwe nzabona iya karindwi. Yari umuntu, ubabaye; ni ukuvuga ko ibyo byakomeje igihe impera nziza y'igihe.

67 Icyo gitondo, nyuma yo kubona iri yerekwa, narabyutse; nubaha Umwami. Njyana Yozefu, umuhungu wanjye muto, ku ishuli, (aranyumva uyu mwanya i Tucson). Namujyanye ku ishuli, noneho mbwira Meda ko ntazi igihe ndibugarukire. 195 Ubwo noneho naragiye noneho njya mu misozi ya Katalina. Aho, nazamutse ahantu aho Marayika w'Umwami yashyiriye inkota mu kiganza cyanjye. Byari isaha nziza cyane igihe natangiraga kurira umusozi n'imbaraga.

Noneho, aho gufata iki cyerekezo ngo njye mu dusongero (ahari inzoka nyinshi na sikoropiyo, muzi ukuntu Arizona imeze), nahindukiye iburyo; Ikintu cyarambwiye kiti: "Hindukira iburyo." Nagiye wese aho hejuru ngana ku dusongero, nkatira ibi bitare binini, inshuro nyinshi binini kurusha iki gicaniro, birunze aho kuri utu dusongero umuntu yashobora kugeraho gake.

68 Noneho, hafi saa tanu nageze ku muryango muto, ahantu hato, hihese nk'inkokora nka gutya, mu nzira y'aho ifumbere zinyura. Nari nakuyemo ishati yanjye kandi mfata ingofero yanjye mu ntoki, kuko nari ndimo noga. Ni ukuvuga ngo, nigiye imbere aho kandi, ninjira muri uwo muryango muto, numvishe ubwiza bw'Umwami. Nahise niyambura ingofero yanjye vuba noneho ndeba impande yanjye. Naratekereje nti: "Ari aha ahantu runaka. Nzi ko Ari aha." Naratekereje nti: "Ni ibiki?" Narongeye ntera izindi ntambwe. Naravuze nti: "Mwami, Uri aha ahantu runaka."

Noneho nabonye iryamye aho, mu nzira, iyi nkima ntoya; yasimbukiye ikintu noneho iragihusha, noneho igwa mu ndabo z'amahwa (chollas). Ibyo byayikomerecyeje umutwe, agatuza, igifu, noneho irapfa. Iyi nkima ntoya mu mwobo idasanzwe yahushije umunwa wanjye noneho igwa mu mahwa (cholla). Noneho ijwi ry'Umwami rirambwira riti: "Umwanzi wawe arapfuye." Nahagaze aho, mpinda umushyitsi. N'ikirenge cyanjye, na . . .

69 Mu bisanzwe, ibyiyoni byakabaye byarayitantamuye. Nishe inzoka mu minsi myinshi ishize; yagumye aho, mu muhanda, hafi igice cy'isaha. Haba hari buri gihe ibizu n'ibyiyoni bihanyura, noneho bizayiyora uwo mwanya. Nishe inzoka yo mu mazi, ni yo nzoka y'inkazi cyane dufite; yari iryamye neza iruhande rwanjye, byari iminsi runaka nyuma y'ibyo. Nyuma nagarutse ku ntambwe zanjye ngo nkiyore kugira ngo nyerekane; ariko ibyiyoni byari byamaze kuyitwara, ibyiyoni byanyuraga aho. 200 Kandi iyo nkima yari iryamye aho, kuva igihe naboneye iyerekwa, iminsi ibiri mbere; ndizera ko byari ku wa gatandatu noneho nagiye aho hejuru ku wa mbere. Yari aho rwose hejuru, yapfuye. Nayinswonyoye n'ikirenge.

70 Nagarutse inyuma noneho ndongera ndicara; noneho mu mwanya runaka nararize, ndasenga, ndeba hasi ahagana i Tucson, mu birometero uvuye aho. 202 Nzenguruka kandi ngaruka, nabonye ko yari ikiryamye aho. Igihe ninjiraga muri uyu muryango, Umwuka w'Imana wangarutseho. 203 Nakomeje gutembera noneho manuka ku musozi. Ntaha, nabwiye umugore wanjye nti: "Mukunzi, sinzi uko bimeze, ariko nzabikira."

Umuganga Ravensworth, igihe yansuzumaga, yarambwiye ati: "Ntibibashobokera na gato gukira." Yanteye ikinya cyagombaga kumara iminota itanu, noneho nsinzira amasaha icumi. Kandi ibi bintu . . . ndetse n'asipirini ubwayo iranyica. Ni ukuvuga ko ba . . . Yaranteye noneho amanura urwo ruhombo mu muhogo wanjye. Igihe nagarukaga muri njye kandi akamvugisha bucyeye bw'aho mu gitondo, yarambwiye ati: "Revera, mbababajwe no kubabwira ibi, inyama itwikiriye igifu cyanyu irakomeye cyane, yarumye." (Sinigeze mbibona; akoresha izina rya gasiterite (indwara ihoraho y'ubushye ku gifu). Ubwo nagiye kureba mu nkoranya magambo, noneho ibyo byasobanuraga: 'ikintu cyumye'.) Kandi yaravuze ati: "Ntimushobora kubikira." Yongeyeho ati: "Muzahora mubifite." Kandi iyo bitaza kuba iyerekwa ry'Umwami, nari kuba umuntu ucitse intege cyane.

71 Noneho bucyeye bw'aho, Ikintu cyarambwiye kiti: "Garuka ku musozi."

Uwo munsi, aho kujya ku ruhande rumwe, nayobowe kujya ku rundi ruhande. Kandi mu gihe nari mpagaze aho, ubwo mbona, imbere yanjye, iyi numa ya karindwi ntoya y'umweru yanyitegerezaga. Nibyiringiye amaso, nibwira nti: "Bidakuka ni iyerekwa; bidakuka." Nararebye noneho ndavuga nti: "Numa ntoya, uvuye hehe?" Kandi yari nziza cyane kandi ari umweru hose; birashoboka ko yari inuma, ariko uko bimeze kose . . . kure cyane muri ubu butayu!

Imana Ishobora Byose yazuye Yesu Krisitu mu bapfuye, ari yo mbereye umukozi kandi Ijambo Ryayo ari ryo rifunguye aha imbere yanjye, izi ko mvuga ukuri kandi ntabeshya. Inuma yari aho kandi yarandebaga.

Nateye intambwe, ntekereza nti: "Nta gushidikanya ko ari iyerekwa." Nahindukije umutwe, ndongera ndareba kandi yari ihagaze aho; aya mababa mato y'umweru, umweru nk'urubura, utuguru twayo duto n'umunwa wayo w'umuhondo; yari ihagaze aho kandi indeba. Yari ihanze amaso ahagana mu burengerazuba. Narayizengurutse gutya, ntashaka na gato kuyikoraho. Nakomeje kugenda mu muhanda, nareba inyuma yanjye kandi yari ikiri aho, indeba.

Mwene Data, nk'umwana wa Aburahamu, sinita ku byo muganga yambwiye, nzakira uko bimeze kose.

72 Ngarutseyo umunsi wa gatatu, nazamutse hejuru cyane. Benshi muri mwe bazi iyerekwa ry'umutwari w'umuhinde wagenderaga ku ifarashi kuri uru rukuta runini ugana iburengerazuba. Ikintu cyankururiye kujya ahagana ku rutare runini, hafi saa sita, noneho kirambwira kiti: "Birambikeho ibiganza byawe noneho usenge." Imana yo mu Ijuru izi ko ibi ari ukuri.

Narambitse ibiganza byanjye ku rutare, nzamura amaso hejuru mu ijuru noneho ntangira gusenga; noneho numva Ijwi ryasohokaga mu gasongero k'ibitare, rivuga riti: "Ni iki uru gushingikirizaho umutima wawe?" Noneho mpagarara gutya, intugu zambaye ubusa; igihimba cyambaye ubusa, nari nshyushye. Narebye inyuma yanjye. Kandi aho, mu masarabwayi, mu mabuye, hari handitse ngo: "White Eagle" ["Ikizu cy'umweru" - N.D.T.]; ni gutyo neza byaje, nyuma y'iyerekwa, Ubutumwa bukurikiyeho.

Nari mfite umwete cyane ku buryo nirutse njya mu rugo; mfata apareye ifotora, ngaruka bucyeye

bw'aho noneho mfata ifoto ya byo. Byari bikiri aho, byanditse ku rutare: “White Eagle” Inuma yayoboraga ikizu.

73 Mu buryo bwose, ndabizi. Ngiye kubibabwira mbere yuko biba. Umuganga mwiza, nta gushidikanya na gato; ndatekereza ko ari umuntu udasanzwe. Ariko nzi ko nzabikira. Byararangiye! Byarashize, kandi ngiye gukira!

Naratekerezaga mu gihe Ernie yaririmbaga iyi ndirimbo uwo mwanya: Ku mababa y'inuma. Ni iyihe njyana? Yintangirire, Ernie.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

(Tuyiririmbane!)

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Nizera ko nzi ko Ernie yanditse ibika bibiri. Njyewe, ngiye kubaririmbira bitatu.

Nowa yarerembye ku amazi

Ku mazi iminsi myinshi.

Ashaka ubutaka bukomeye

Mu buryo bwinshi.

Agira ibibazo,

Ariko bitari iby'ijuru.

Imana imuha ikimenyetso Cyayo

Ku mababa y'inuma.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Yesu, Mukiza wacu,

Waje ku isi umunsi umwe.

Wavukiye mu kiraro,

Mu kavure k'icyarire.

Wanzwe hano ku isi,

Ariko si mu ijuru.

Imana iduha ikimenyetso Cyayo

Ku mababa y'inuma.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Nubwo yababaye

Mu buryo bwinshi,

Naririraga gukira

Ijoro n'amanwa.

Ariko ukwizera ntikwibagirwa

Na Data wo mu Ijuru,

Ampa ikimenyetso Cye

Ku mababa y'inuma.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yoheraza urukundo Rwayo, rwera,

Yoo, ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yoheraza urukundo Rwayo, rwera,

Ampa ikimenyetso Cye

Ku mababa y'inuma.

74 Mana mukunzi mwiza, ndagushimira ibi bintu, Data. Wahaye Nowa ikimenyetso; Wahaye isi ikimenyetso kandi Wampaye ikimenyetso. Kandi bucyeye bw'aho, mbona iki kizu kiguruka, o Mana . . . Hari Ubutumwa busohotse ubu, kandi ndagusaba, o Mana, kureka Inuma ikayobora. Bitange, Mwami. Ibyo byampaye ukwizera ntigize ngira mbere. Ndazi, o Mana, nzi ko ibyo biri butungane; ku bw'ibyo ndabigushimiye, Data.

Uyu mugoroba, ongera wohereze Ubutumwa Bwawe, Mwami, ku mababa y'Inuma y'Ijambo. Bitange, Data mwiza wo mu Ijuru. Kandi, mu mutima w'abari bunyure bose kuri uru ruhimbi uyu mugoroba, kandi n'aho mu materaniro mu gihugu hose, Inuma Yawe ikomeye yo kwizera ishobore kumanuka kandi ibahe ukwizera, Mwami, ku bwo gukira kwabo. Mwibuke ko Imana itarobanura ku butoni. Yoherereje Ubutumwa Nowa; Yabwoherereje Yohana Mubatiza. Yarabunyoherereje, Yabwoherereje n'abandi.

Ndasaba ko iyi Numa yinjira muri buri mutima, muri aka kanya, ndetse Mwami, n'umunwa Wayo w'umuhondo cyane, ivuga ibi n'ijwi ryoroheje iti: *"N'imibyimba Ye . . . n'ibikomere Byanjye n'imibyimba, urakize."* O Mana, reka ibicumuro byacu bihanagurwe, tubabarirwe gukiranirwa kwacu, kandi dukire indwara zacu. Ibyo biri mu biganza Byawe, Data. Mu Izina rya Yesu Krisitu. Amena.

75 Na none n'imitwe yacu yunamye akanya gato:

Ni bangahe aha bifuzaga kuvuga ibi, niba mubishobora kandi mubyifuza: "Mwene Data Branhamu, nakoze amakosa ubuzima bwanjye bwose. Nifuje gukorera Imana, ariko uyu mugoroba niteguye kubireka. Musabe Imana iyi Numa ize mu mutima wanjye uyu mugoroba. Nshobora kuyumva ikubita amababa yinjira." Muzamure ibiganza byanyu, murabishaka? Aha muri icy'icyumba kinini kigaragara, yoo! yoo, yoo! Hose mu nyubako.

Aho mu byumba mu gihugu hose, mu majyaruguru, kwa Mwene Data Hunt na Mwene Data Coleman; kwa Mwene Data Leo n'abandi, mu majyepfo i Tucson; na kwa Branhamu Tabernacle; ku ruhande rw'uburengerazuba, hose, muzamure ibiganza byanyu muti: *"Ndifuza ko Inuma iza mu mutima wanjye, uyu mugoroba. Nzanira urukundo rw'Imana ku mababa y'Inuma y'umweru nk'urubura, Umwuka Wera. Wunzanire uyu mugoroba, Mwami, kandi usuke mu mutima wanjye ukwizera nkeneye."*

Mu Izina rya Yesu Krisitu, ndagusabye, O Mana, babarira ibyaha byacu. Inuma yakomeretse yagaruye Ubutumwa; o Mana, *"Byose birasohoye"*. Turabyizera. Duhe gusa ukwizera kugira ngo twizere, ni isengesho ryacu. Mu Izina rya Yesu. Amina.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo ruryoshye, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

76 Iyi numa yari ivuye he? Simbizi. Ntiyari bujye aho muri ubu butayu. Oya, oya, oya, ntiyari buhajye. Noneho kuki yari umweru? Data wo mu Ijuru azi ko yari umweru nk'ishati yanjye. Yahagaze aho.

Ariko byari ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereje urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Yoo! ntimwumva mu by'ukuri muri bato?

Dufatane mu kiganza gusa, noneho tuyiririmbe:

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Tuzamure ibiganza kuri We noneho tuyiririmbe:

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Nowa yarerembye ku mazi

Ku mazi iminsi myinshi.

Ashaka ubutaka bukomeye

Mu buryo bwinshi.

Agira ibibazo,

Ariko si iby'ijuru.

Imana imuha ikimenyetso Cyayo

Ku mababa y'inuma.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru, Ku mababa y'inuma.

Yesu, Mukiza wacu,

Aza umunsi umwe ku isi.

Avukira mu kiraro,

Mu kavure k'icyarire.

Hano ku isi yaranzwe,

Ariko si mu ijuru.

Imana iduha ikimenyetso Cyayo

Ku mababa y'inuma.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

77 Kubera iki, njyewe, umuntu ushaje, wababaye ubuzima bwanjye bwose, kuki yankijije noneho? Ndizera ko nzagenda na none iyi nzira; ngomba kuzana Ubutumwa! Noneho ndabwira Data, uyu mugoroba, (nk'uko Junior yabonye mu nzozi amababa y'iyi numa yinjiraga inyuze muri rimwe muri aya madirishya, aha.) Mwami, Umukozi Wawe aje kwitaba kugira ngo agukorere. Amina! Nditeguye!

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Twizere ubu ko Yinjira kandi ikamanukira mu cyumba.

Ku mababa y'inuma y'umweru . . .

(Turategereje, Mwami!)

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

78 Mwebwe mufite amakarita yo gusengerwa, muri iki gice aha, mwigire imbere kuri uru ruhande; muhaguruke, mujye hariya, muri iki gice, kuri uru ruhande.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Abafite amakarita yo gusengerwa, muri iki gice, musohokere ibumoso bwanyu.

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura,

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Nti . . .

Yoo, ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura

Imana inyoherereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

79 Inuma yari ivuye he, aho hejuru, mu butayu? Navuga ibi: Imana ibona Aburahamu ko yari akeneye impfizi y'intama nk'ikimenyetso; Ni Yehova Yire: "Umwami ashobora kwibonera igitambo Ubwayo." Yoo! gutekereza ibyo! Iyo Mana, n'ugusigwa kumwe, n'abantu b'ubwoko bumwe, yohereza inuma. Ni Imana igihe cyose, Yehova Yire. Ishobora kwibonera ibyo Icyeneye byose.

Mu gihe muje muri uyu murongo wo gusengerwa, ntimushaka gusaba Imana kubabonera, ku mababa y'Inuma? Ku Numa, Umwuka w'Umwuka Wera, kugira ngo ibahe ukwizera mu mutima wanyu ngo mwizere ko muri bukire.

80 Ndagerageza kubahagurutsa bose. Murabona? Ndabisaba ubu. Mwene Data Brown ari mu mwanya we. Mwene Data Jack . . . Muravuga iki? [Umuntu avugisha Mwene Data Branhamu. - N.D.T.] Byiza cyane. Byiza. Iri tsindi aha kimaze kujya ku murongo, rijye kuri uru ruhande mbere na mbere. Ayo matsinda aho kuri uru ruhande, baze bahagarare neza inyuma y'abo. Aba baje uwo mwanya inyuma y'ibaba. Na mwe, muhagarare mwihuse inyuma y'aba, mwegerana kugira ngo tubasengere.

Noneho, nizeye ko ibi bitari bube umurongo wihuse; tugiye gusa gufata igihe kinini kugira ngo bitwemerere gusengera buri umwe, mu buryo bushoboka.

Noneho, nahinnye gacye ubutumwa bwanjye (mwese mwabibonye), kugira ngo dushobore gufata uyu murongo w'amasengesho. Ibi ni umurongo w'amasengesho y'urwibutso rw'iminsi ubwo mwe, Mwene Data Jack Moore na Mwene Data Young Brown, igihe umugore wanyu yabarekaga mukagenda kandi mukaza, twajyaga muri Californie, kandi twazengurukaga Arizona (twese tunyura mu butayu), dusengera abarwayi.

81 Murazi? Hari abantu bariho uyu munsi, bari barembye byo gupfa ubwo; baracyariho bitewe n'uyu muhate. Ibyo byakoze iki? Ibyo byabyaye gukira kw'Imana muri buri torero riri mu gihugu; noneho, ndetse no mu baperesebiteriyene ndetse n'ahandi. Ibyo byabafunze umunwa; kuko hari hakenewe Imana, ngo isige umuntu runaka kugira ngo yice Goriath, kandi ihamye ko ibyo byashoboraga gukorwa. Nyuma abandi bagize umwete (ni ukuri) noneho bajya imbere. Ibyo bishobora na none gukorwa kuko Yohereza buri munsi urukundo Rwayo ku mababa y'Inuma.

Bakirisitu, ndifuza ko mwakumva. Niba mpagaze aha, kandi nkaba ngerageza kubarondorera ibintu bidasanzwe nabonye biba gusa iyi myaka itatu ya nyuma, nzaba ndi aha na none iyi saha, ku wa gatandatu nimugoroba utaha, ndi kubabwira. Simbivugaho cyane ndetse, kuko ibyo bisa urebye nibidashoboka, ariko ndababwira Ukuri. Ni Ukuri mu buryo bwuzuye. Turiho munsi yo kuyoborwa na Yehova Ukomeye kandi Ushobora byose, We wabanye n'abahanuzi b'Isezerano rya Cyera n'Itorero ry'Isezerano Rishya; Ari aha uyu munsi afata Umugeni hagati y'Amahanga ku bw'Izina Ryayo. Mubyizere! Ntimubishaka? Niba mwarigeze mubyizera, mubyizere ubu. Ni byo. Ndifuza ko mwabyizera. Ntituzi ibiri bube na none uyu mugoroba. Ntituzi ibiri bube. Tugume gusa mu gutegereza.

82 Niba bibashimishije, mu Izina ry'Umwami Yesu, ndabasaba ibi nk'umukozi Wayo. Nzi ko iyo mukorana n'amateraniro, byose biba bivanze aho imbere. Ariko niba munyizera nk'umukozi Wayo, niba hari igicucu cyo gushidikanya (icyaha ni - ni 'ugushidikanya, kutizera'), niba hari igicucu cy'ibyo mu mutima wanyu, musabe Data kubikuraho nonaha. Murabona? "Mwami . . ." Noneho ubwo igihe muzaza n'ukwizera k'ukuri . . . Noneho, ibiganza byanjye bizaba nta kamaro na kamwe bifite, uretse Bitabakubise bwa mbere; nyuma, igihe bizaza, ibyo bizabimurikira kandi muzakira. Ni ukuri, muzamenya ko mwakize. Murabona? Muzabyizera.

83 Noneho, ngiye gusengera buri umwe muri mwe. Kandi na . . . igihe muri bubikore, murarambikaho ibiganza byanyu, ndetse tu . . . Muraza gusengera umuntu murambitseho ibiganza, nyuma ndabanyuza mu murongo w'amasengesho. Murambike ibiganza byanyu ku muntu uri kumwe na mwe mu murongo.

84 Mana mukunzi mwiza, sinzi ubundi buryo bwose bwo kuvuga ibi bintu, Mwami. Nzi gusa kuvuga ibyo nzi ko ari Ukuri, kandi Umbereye umuhamya, uyu mugoroba, ko mvuga Ukuri. Ukwizera kwanjye, Mwami, no gukira kwanjye bwite kuzaza . . . sinzi igihe, sinzi uko bigenda, simbyumva; ariko ndizera, Mwami, ko nakiriye ikimenyetso cyo hejuru. Iyi numa ya karindwi byarangiye ije aha, puse ya karindwi [cm ya 17] urebye byarangiriye ku nyamaswa. Byararangiye.

O Mana, ndifuza gukorera ubwoko Bwawe. Ku bw'ibyo rero, ndagusaba, O Mana, kudusiga ku buryo uyu mugoroba, abo turi burambikaho ibiganza bose bashobora gukira; atari kubera ko ari twe, ahubwo kubera ko ari gukurikira itegeko Ryawe. Waravuze uti: "Ibi bimenyetso bizakurikira abazizera." Mwami, mfasha kwizera, kandi utume umutima wabo uba umurima wakira kwizera. Kandi mu gihe kimwe, ku bw'icyubahiro cy'Imana, buri muntu urwaye kandi ufite intimba muri iyi nyubako (cyangwa mu nyubako mu gihugu hose) wubaha aya mategeko ubu, akire. Mbisabye mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

85 Mugire ukwizera; mwese, musengane na twe. Noneho, ibi si umurongo wo kurondora.

[umwanya utariho ikintu kuri bande - N.D.T.] Agahinda gakabije, ubwoba, nzi ibyo . . . Yoo! umukene, aravuga ko mu buzima bwe, atigeze amenya amahoro, icyo kintu cya... Ntashobora gusinzira, nk'umuntu ugira umujinya, urabukwa.

Mana mukunzi mwiza, mpamiriza, Mwami, ko mvuga Ukuri. Mbega impuhwe numva ku bw'uyu mugore muto! Ndagusaba, o Mana, kumwoherereza, uyu mugoroba, uru rumuri rworoshye rwo kwizera ko hejuru, izi ko hari ibyo Ugomba Ijambo Ryawe kandi ko Uzarinda buri Jambo. Imana yo mu Ijuru ikureho uku gutinya kwa mushiki wanjye. Nkubashye murambikaho ibiganza kandi mbiciraho iteka. Mu Izina rya Yesu Krisitu, ibyo bisohoke muri we. Amina.

Ubu nonaha, murebe, mushiki wacu; noneho, munyizere! Niba mubishobora, mutangirire aha ndetse, hegereye umusaraba. Kuva uyu mugoroba, muhakane ko mubufite. Murabona, mukomeze kuvuga muti: "Sinkibufite." Noneho buzababvaho.

86 Mushiki wacu Palmer. Mushiki wacu, Mushiki wacu Palmer; umugabo we ni inshuti yanjye nziza cyane, umushumba w'i Georgia cyangwa wa Alabama. Georgia - Georgia. Kandi yazaga ku Gicaniro . . . Iyo mbwiriza ku Gicaniro, bakora urugendo rwa kirometero ibihumbi bibiri na magana ane [mayilo 1500] kugira ngo bumve ikibwiriza. Mwene Data Palmer yananiwe kuyobora imodoka, cyangwa umwana, umwe muri babiri, mu gihe bakataga imodoka, noneho bakora impanuka. Ibyo byamugizeho ingaruka. Dusenge:

Mana mukunzi mwiza, bohora uyu mugore muto w'umukozi Wawe, uyu mukozi muto muri Krisitu, w'indahemuka kandi wiyubaha; ndagusaba, o Mana, mu gihe murambitseho ibiganza na Mwene Data Jack Moore, kumukiza no kumuha ubuzima. Mu Izina rya Yesu. Amina.

87 Ku kirenge cy'iburyo... murakigaragaza? Umuhungu we muto yaramugaye; kandi na we ubwe afite ububabare mu gifu no mu mugongo. Dusenge:

Mana Mukunzi mwiza, reka iyi Numa y'umweru nk'urubura imanuke muri aka kanya mu mutima we: “Yacumitiwe ibicumuro byacu, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, imibyimba Ye ni yo adukirisha.” Ndasaba ko byagenda gutyo kuri mwene Data no ku muhungu we muto, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

uburwayi bw'umutwe bukomeye n'ububabare mu kuguru bumubangamira iyo ari gukora.

Mana mukunzi mwiza, tanga gukiza Kwawe gufite umumaro kuri uyu mugabo ukiri muto, mu gihe tumurambitseho ibiganza, nk'abakozi b'Imana. Mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

88 Afite ikibazo cya kigore n'ibindi, acyeneye umubatizo w'Umwuka Wera.

Mana mukunzi mwiza, mu gihe nkoherereje iri sengesho ryo kwizera ku bw'uyu mudamu muto, reka ikibazo cya kigore kigende, reka umubatizo w'Umwuka Wera uze ku mababa y'Inuma, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina. (Imana ibahe umugisha, mushiki wa.)

Ikibyimba mu jisho, no ku mugore we akunda.

Mana mukunzi mwiza, Uzi umutima w'umuntu. Ndagusaba, Data, mu Izina rya Yesu, gusubiza ubu busabe bwanditse mwene Data yohereje, kandi mu kubaha Ijambo Ryawe, tumurambitseho ibiganza. Mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina. (Imana ibahe umugisha, mwene Da.)

Afite ikibyimba ku ruhande rw'ibumoso kandi ijwi rye rimeze nabi. 256 Yesu mukunzi mwiza, ndagusaba gukiza uyu mushiki wacu; tumurambitseho ibiganza mu Izina rya Yesu Krisitu, kugira ngo gukira kwe gusohore. Amina. Imana ibahe umugisha, mushiki wanjye.

Mushiki wanjye ubabaje, ndabona icyo murwaye, amaguru abyimbye, impyiko, uruhago, n'igufwa ryo mu bujana (cheville) ryavunitse.

O Data wo mu Ijuru, kiza uyu mugore w'agaciro; Mwami, ndabigusabye, mu gihe murambitseho ibiganza, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

Imana ibahe umugisha, mushiki wa; ni gutyo ibyo bizasohora.

Murabyumva, si byo, ku ndangurura majwi? Uri aho . . . Uri ku buhanga bw'ibyuma, mwakongera gacye ijwi, kugira ngo abari mu cyumba bashobore kumva ubuha- . . . bwabo cyangwa ibyo bavuga igihe bagiye. Mubasengere nimubyumva. Nintangira gusenga, na mwe, musengane na njye.

Mana mukunzi mwiza, ndasabira mushiki wacu uri aha, Mukize, Mana mukunzi mwiza. Turabikora kuko ari itegeko Ryawe. Mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

89 Mana mukunzi mwiza, Urumva ubu buhamya, Urumva icyo umwanzi yamukoreye. Turagerageza gufata Izina rya Yesu no gutsinda uyu mwanzi; yamaze gutsindwa ndetse kuko Inuma yashenjaguwe, yakomerecyejwe, yaguye ku butaka bw'Inzu y'Imana, n'Ubutumwa bugira buti: “Birarangiye.” Bitange, reka ashobore kubyizera, Data, mu Izina rya Yesu.

Mana mukunzi mwiza, ndagusaba gukiza uyu mushiki wacu. Reka Inuma y'Imana imuhamirize uyu mugoroba ko Yabimukoreye, kugira ngo ashobore gukira. Mu Izina rya Yesu. Amina.

Mana mukunzi mwiza, ndambitse ibiganza byanjye kuri mwene Data uhagaze aha. Yari afite ukwizera kwinshi kugira ngo aze agere aha; Mwami, noneho, reka yakire gukira kwe kandi agaruke mu mwanya we, akize. Mu Izina rya Yesu.

Mana mukunzi mwiza, ndasabira mwene Data, murambitseho ibiganza. Reka, o Mana mukunzi mwiza, ukwizera kw'Imana kumanuke aka kanya; kandi bibe nka Aburahamu, yite ibi bintu Bihari, nk'ibidahari, kuko Imana yatanze isezerano. Mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

90 Mana mukunzi mwiza, Uri Ushobora gufata icyemezo cy'ukuri. Ndasaba, o Mana mukunzi mwiza, nk'uko uyu mugore muto yasabye iki kintu, reka ashobore kucyakira, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

Mana mukunzi mwiza, ndambitse ibiganza byanjye kuri mushiki wacu, nubashye ibyo Wavuze gukora. Ibi bitugarura imyaka myinshi kure cyane, Mwami, igihe twagiraga umurongo wo gusengera abarwayi nk'uyu inshuro iheruka; kandi tuzi noneho ibyabaye; tuzi ko Uri Imana idahinduka uyu munsi; abantu bashoboye kugira nk'uko kwizera uyu munsi. Ndasaba mu Izina rya Yesu ku bwo gukira kwa mushiki wacu. Amina.

Mana mukunzi mwiza, ndambitse ibiganza byanjye kuri uyu mwene Data kandi ndasaba gukira kwe, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

Data, nzanye uyu mushiki wacu imbere Yawe, uyu mugoroba, kandi murambitseho ibiganza ngo mpamye ko mpagaze nk'umuhamya w'imbaraga Yawe, nk'umuhamya w'amayerekwa Yawe, w'Ijambo Ryawe; kandi ndi umuhamya ko Uri Imana. Murambitseho ibiganza bijyanye n'Ijambo ry'Imana yanjye, kandi ndasaba gukira kwe. Amina.

91 Mana mukunzi mwiza, ndambitse ibiganza kuri mwene Data wanjye, mu buryo bumwe; nk'umuhamya w'imbaraga Yawe, ndasaba gukira kwe, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

[umwanya utariho ikintu kuri bande - N.D.T.] "Iki?"

Yaravuze ati: "Umukiza." Yavugaga ko umuntu w'ahantu runaka, aho muri Arkansas, yakize icyo gitondo, umudozi w'inkweto w'impumyi. (Muzi iyo nkuru; ibyo byaciye kuri radiyo.)

Noneho naravuze nti . . . naratekereje . . . nigize iryarya. Ndavuga nti: "Ntimwizera ko ari Ukuri?"

Yaravuze ati: "Ni byo, mugabo, ndabyizera."

Noneho ndavuga nti: "Mwizera ko mu minsi yacu Imana yakora ikintu nk'icyo, mu gihe..."

Yaravuze ati: "Mugabo, numvishi ikiganira kijyanye no gusenga." Yaravuze ati: "Ndi Umukirisitu. Numvishe ibiganiro; iki gitondo. Numvishe bavuga uyu mugabo aho yakize, uyu mudozi w'inkweto w'impumyi. Bamwirukanye mu rusengero kuko yasakuzaga cyane, mu rusangero rumwe ajya mu rundi. Yazunguzaga ingofero ye ku mutwe w'inkoni, yiruka ava ku mpera imwe y'urusengero ajya ku yindi. Yajyaga hose mu mujyi, avuza induru ati: 'Nakize! Nakize!'Umudozi w'inkweto w'impumyi."

Naravuze nti: "Murabyizera?"

Noneho ahagarara aho mu mwanya; hagwaga imvura yoroshye, yaravuze ati: "Mugabo, nimunjyana aho ari, noneho nzongera mbone papa." Ubwo noneho niyumvishe hafi gutyo.

Naravuze nti: "Wenda ndi uwo mushaka."

Yaravuze ati . . . Amfashe amaboko y'ikote, aravuga ati: "Ni mwebwe umukiza?"

Narasubije nti: "Oya, mushiki wa, ahubwo ndi Mwene Data Branhamu."

Yaravuze ati: "Mugire impuhwe!" Natekerezaga kuri Fanny Crosby ubabaje, uyu mukecuru w'impumyi: Mu gihe Uhamagara abandi, ntunyibagirwe. Murabona. Yari imaze gukiza umwe, Yashoboraga kumukiza.

Mu gihe narambikaga ibiganza byanjye ku maso ye, naravuze nti: "Yesu uhenze, umunsi umwe, umusaraba ushaje ukomeye wamanukaga mu nzira ugenda usimbuka; intuga zatembaga amaraso, umubiri muto ufite intege nke urebye wahetamye munsi y'umutwaro. Umugabo w'umwirabura witwa Simoni w'i Cyrene araza noneho afata umusaraba, amufasha kuwutwara. Ndahamya ko Ubyibuka, Data. Kandi umwe mu bana bawe arasukuma aha mu mwijima, ndahamya ko Ubyumva."

Yaravuze ati: "Icyubahiro kibe icy'Imana! nshobora kubona!" 285 Naravuze nti: "Mushobora kubona?"

Yarasubije ati: "Yego, mugabo."

Naravuze nti: ''Mubare uru rumuri." Yararubaze. Naravuze nti: "Ikositime nambaye ifite irihe bara?"

Yaravuze ati: "Mwambaye ikositime y'ikijuju na karuvate y'umuhondo." Byari ibyo neza; yarabonaga.

Yoo! Imana yubaha kwicisha bugufi: Ibi ubwabyo ni byo bitanga kandi bigasohoza intsinzi idasanzwe mu Rukundo rw'Imana.

Mana mukunzi mwiza, gira impuhwe kandi ukize mushiki wanjye, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

92 Mana mukunzi mwiza, mu gihe mfashe iki kiganza gifite intege nke kigagaye, Wowe wenyine uzi ibyabaye kuri ibi. Ndasaba, Mana mukunzi mwiza, ko nk'iki kiganza mfite uyu mugoroba, kirambuka, nk'uko byagenze, wa munsi, ibi biganza bifite intege nke bya Simoni . . . :

"Mwami, reka umukozi Wawe yigendere mu mahoro, kuko ndabona ubu agakiza Kawe." Reka kamuzeho, Mwami, agakiza Kawe, kandi umukize, mu Izina rya Yesu. Amina.

93 [umwanya utariho ikintu kuri bande - N.D.T.] Mu Rubanza, Bwana Kwinangira yaregaga Yesu Krisitu. Muribuka Urubanza? Ukuntu u . . . Bari bafite u . . . abanyamategeko n'ibindi, kandi twabonye uwafashaga buri umwe. Kandi twari dufite. umunyamategeko wakurikiranaga, Satani, wari ugiye kuzana ibirego; no kuntu urubanza rwagenze.

Kandi umwe muri bo Bwana Gushidikanya, yigiye imbere noneho aravuga ati: "Numvishe umubwirizabutumwa avuga ati: "Musige abarwayi amavuta, Bibiliya irabivuga.'Bansize amavuta, kandi sinakize." Undi yaravuze ati: "Murambike ibiganza ku barwayi, bazakira . . . " (Yageragezaga gutanga ibirego.)

Ariko igihe umuhamya yazaga, dore ibyo yavuze: "Imana yarababwiye iti . . . Ibyo bimaze . . . Ibyo bimaze amezi atandatu bandambitseho ibiganza kandi Ijambo Ryawe riravuga riti: 'Murambike ibiganza ku barwayi kandi bazakira.'Nirambikishijeho ibiganza n'umwe mu bakozi Bawe basizwe, kandi sinari nakira. Ni yo mpamvu Uri umubeshyi, kuko Ijambo Ryawe ntiryubaha ibyo Rivuga."

94 Noneho, igihe umuhamya yigiraga imbere, ukuri kwari uku: "Ijambo Ryayo ni ukuri. Ntiyigeze na rimwe ivuga igihe yabikora; Yaravuze iti: 'Ibi bimenyetso bizaherecyeza abazizera; nibarambika ibiganza ku barwayi, aba bazakira.'Murabona? Murebe, ni byo Yavuze iti: 'Bazakira!'Byaba igitangaza kibaye neza nk'ibi, cyangwa bikaba gusa kubaha Imana, ni We ibyo bireba mu bwigenge. Murabona. Ariko niba umuntu abyizera, igihe byazafata cyose nta cyo bivuze. Yabwiye Aburahamu iti: "Uzabyara umwana kuri Sara.'Mu myaka makumyabiri n'itanu, umwana ntiyaza. Ibwira Nowa ko 'izagwa'. Nowa yagize umwuzure . . . yubatse inkuge mu ntego y'umwuzure, imyaka myinshi mbere yuko umwuzure uza, ariko yari azi ko izagwa. Bibiliya iravuga iti: 'Gusenga gufite kwizera kuzakiza umurwayi kandi Imana izamuhagurutsa.'Ryari? Ntiyabivuze. Imana irakiranuka, Ni indahemuka, musome gusa icyo Ijambo Ryayo rivuga."

Ni byo nakoze uyu mugoroba, kurambika ibiganza ku barwayi. Noneho, ndizera ko bose bazakira, buri umwe muri bo. Murizera icyo kintu? Noneho mwizerere aba bababaye.

95 Hari umudamu aha, birasa nkaho nakabaye muzi, namusengeye ejo nimugoroba, aho mu murongo w'amasengesho. Izina rye ni irihe? Chambers . . . Chambless. Niba uyu mudamu muto yarabayeho - yarabayeho mu buryo busanzwe, iyo ataza kugira intimba, yari kuba nta gushidikanya umugore mwiza. Kandi yicaye hariya, ubu, atengurwa. Uyu mugore afite umwuka udasanzwe kandi mwiza. Kandi yicaye hariya, atengurwa gutya. Yoo! nikangahe binshenjagura umutima! Nikangahe naba narifuje . . . Nikangahe naba gusa...

Dore umwana muto, umudamu wicaye aha amufashe mu maboko ye. Ururimi rwe ruto ruramanitse, umubiri we muto urababaye. Iyo biza kuba umwana wanjye Yozefu? Iyo biza kuba umuhungu wanjye muto Pahulo? Iyo biza kuba Rebeka wicaye hariya inyuma, cyangwa Sara? Byagenda gutu madamu Simpson aha abaye Meda, umugore wanjye? Noneho uyu mugabo muto akaba ari Billy Paul? Kandi uyu mudamu w'umucyecuru wicaye hariya akaba ari mama wanjye? Mwibuke, ni umwana wa runaka. Mushiki wa runaka, umukobwa wa runaka, umuhungu wa runaka. Murabona? Ndi mwene Se wabo, Ni Umukiza wacu. Ibyo nshobora gukora byose ni uku . . . ukwizera mfite, kwatanzwe ku nyungu zabo. Ni byo nzi gusa.

96 Noneho, Umwami ashobora kumpa iyerekwa. Yashobora kumbwira ikitagenda kuri buri umwe muri bo. Nshobora kubibahamiriza, murabona, murabizi. Ariko ibyo ntibibakiza. Ibyo ntibibakiza. Oya, ni ngombwa ko ikintu kinjira muri bo, murabona? Kandi niringiye...

Kimwe nuko nashobora kuzamuka aha, nkafata buri umwe muri mwe kandi nkababatiza mu Izina ry'Umwami Yesu Krisitu, ibyo ntibikuraho ibyaha byanyu. Oya, oya! Oya, sinizera ko umubatizo w'amazi mu Izina rya Yesu Krisitu wabyara ubwa kabiri; nizera ko Amaraso yabyara ubwa kabiri, murabona, si amazi. Ariko, murabona, nashobora kubatiza no kubatiza, ariko mwinjira gusa muri umunyabyaha wumye noneho mukongera mugasohoka muri umubyaha utose; murabona, kugeza igihe mwihana mu buryo bwuzuye. Mwihane noneho mubatizwe mu Izina rya Yesu Krisitu.

97 Noneho, ndamanutse kugira ngo nsenge. Kandi aba bantu bafiteye agaciro nk'uko bakamfitiye, ndetse wenda kurushaho . . . bitewe n'isano ry'amaraso.

Noneho, twishyire hamwe twese, n'ibiganza byanyu mukwizera n'ibiganza byanjye mu kwizera, tumanura ibiganza by'Umwami Yesu kugirango Abirambike kuri aba bamugaye bateye agahinda. Murashaka gusengana na njye?

[umwanya utariho ikintu kuri bande - N.D.T.] Abafite imiswaro ku bw'abarwayi n'abafite intimba, mushobora kuyibona nyuma y'umurimo. Noneho, mumfashe gusengera aba, murabishaka?

O Mana, turagushimiye, Mwami, ku byo wakoze uyu mugoroba. Tubaye tugushimiye ku gukira kwa buri muntu wanyuze mu murongo. Mana mukunzi mwiza, ndasengera kuri iyi miswaro, wenda ku batashoboye kuza mu iteraniro; inshuti zabo zazanye imiswaro. Muri Bibiliya, batwigisha ko bazaniraga abarwayi imiswaro cyangwa ibitambaro byakoze ku mubiri wa Pahulo. Noneho, aba bantu muri icyo gihe babayeho mu bwiza Bwawe, bakubonaga mu nzira, bakubonaga mu materaniro yabo, kandi babonye kuri Pahulo uwo Mwuka Wari ufite. Kandi bari bazi ko bitari umuntu, byari Umwuka Wawe wategekaga ubugingo bwe, kuko tubona Pahulo akora ibintu bisa nk'ibyo Wakoze.

Noneho ubu, Mwami, abantu uyu munsi barabona iyo Mana iba mu Itorero Ryayo, hamwe n'ubwoko Bwayo. Kandi bazanye iyi misware kugira ngo bayikure aha bayishyire inshuti zabo bakunda. Reka, o Mana, buri umwe muri bo akire nk'uko Ubyumva. Ntidusaba ko ikintu runaka gikorwa mu buryo runaka cyangwa ikintu runaka. Turasaba gusa tuti: "Bakize nk'uko Ubyumva, Data." Ku bw'icyubahiro cy'Imana, nohereje iri sengesho ryo kwizera aho hejuru. Mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

98 Nagize ibihe bihebuje byo gusangira muri Yesu Krisitu hamwe na mwe. Nzibuka igihe kirekire iri teraniro n'ibintu byabaye: urukundo, ubufatanye, gusangira kwa kivandimwe.

Noneho ubu, kugeza igihe tuzongera guhurira, Imana yo mu Ijuru ibayobore. Reka Ucana inyenyeri za nijoro, kugira ngo amurikire inzira iyo Yijimye, ashobore kumurikira inzira yanyu n'Inyenyeri y'i Betelehemu, kugira ngo abajyane mu buzima bwiyeguriye mu buryo bwuzuye Ijambo Ryayo; iryo ni ryo sengesho ryanjye.

Kugeza tubonanye, Kugeza tubonanye

Tuzongera tubonanire ku birenge bya Yesu.

Kugeza tubonanye, Kugeza tubonanye

Imana ibane na mwe kugeza igihe tuzongera kubonana.

Noneho, duhaguruke. Ukwizera kwanjye kurareba kuri Wowe, muhungu mwiza. Noneho, ngiye guhindura. Ndatekereza ko bimeze neza.

Ukwizera kwanjye kurareba kuri Wowe,

Wowe, Umwana w'intama w'i Karuvari,

Mukiza wo mu ijuru!

Umva gusenga kwanjye,

Hanagura icyaha cyanjye,

Uhereye uyu munsi

Mbe uwawe wese!

99 Noneho, dufatane ikiganza, mu gihe turi kuririmba:

Kuko ngenda ahantu h'inzitane z'ubuzima

Kandi agahinda uruhande rwanjye kariyongera,

Wowe, ba Umuyobozi wanjye;

Tegeka ko umwijima uhinduka amanwa,

Hanagura amarira y'agahinda,

Sinzongere kuzimirira na rimwe

Kuri Yawe.

Murumva mumeze neza cyane ubu, si byo?

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

Noneho, ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura

Imana yohereza urukundo Rwayo ruryoshye, rwera, Ikimenyetso cy'ijuru, Ku mababa y'inuma.

Aho ni ho hari ubutumwa bwacu bwo gusozi uyu murimo:

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru

Ku mubaba y'inuma.

100 Twubike imitwe yacu. Nk'uko imipine igenda iririmba indirimbo, dutaha mu rugo, nizeye ko ibyo mu . . . ko muzumva kuririmba gacye kw'imipine, urusaku rwa moteri ruti:

Ku mababa y'inuma y'umweru nk'urubura

Imana yohereza urukundo Rwayo, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

[Mwene Data Branhamu atangira kuririmba atitira igice cy'indirimbo

Kisubiramo. - N.D.T.] . . . inuma,

Imana yohereza urukundo Rwayo ruryoshye, rwera,

Ikimenyetso cy'ijuru,

Ku mababa y'inuma.

N'imitwe yanyu yunamye, mbagaruriye uwanyu . . . Mwene Data Noeli.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7